Le tribunal arbitral élabore, sur base des documents ou en présence des parties et à la lumière de leurs plus récentes soumissions, un document définissant l'acte de mission. Ce document comprend les renseignements suivants :

1° les noms complets, description, adresse et autre détails de coordonnées de chacune des parties et de toute(s) personne(s) représentant une partie dans l'arbitrage ;

2° un résumé des demandes des parties respectives et de la réparation recherchée

ko bifatwa , agaciro mu mafaranga k'ibirego; mu gihe bishoboka, ikigereranyo cy'agaciro mu mafaranga k'ibindi birego ibyo aribyo byose;

3° Aderesi imenyekanisha n'itumanaho ryose ryavuka hagati mu bukemurampaka byashobora gutangwaho;

4° Uretse iyo urukiko rubona ko bidakwiye, urutonde rw'ibibazo bigomba kwigwaho;

5° Amazina yose, aderesi ndetse n'ibindi byose biranga buri mukemurampaka;

6° Ahantu ubukemurampaka buzabera;

7° N'ibindi byose birebana n'amabwiriza y'imiburanishirize akurikizwa, kugaragaza ububasha bwahawe urukiko rw'ubukemurampaka bwo gufata ibyemezo rushyize mu gaciro, iyo ariko biteganijwe.

Urukiko rw'ubukemurampaka rushyikiriza Ikigo inyandiko y'ubutumwa yayishyizweho umukono

quantified claims and, to the extent possible, an estimate of the monetary value of any other claims;

3° The addresses to which notifications and communications arising in the course of the arbitration may be made;

4° Unless the Arbitral tribunal considers it inappropriate, a list of issues to be determined;

5° The names in full, address and other contact details of each of the arbitrators;

6° The place of the arbitration; and

7° Particulars of the applicable procedural rules and, if such is the case, reference to the power conferred upon the Arbitral tribunal to act as *amiablecompositeur* or to decide *ex aequo et bono*.

The terms of Reference signed by it and by the parties shall be submitted by the Arbitral

par chaque partie, avec les montants de toutes les demandes quantifiées, dans la mesure du possible, une estimation de la valeur monétaire de toute autre demande ;

3° Les adresses auxquelles les notifications et communications au cours de l'arbitrage peuvent être faites ;

4° A moins que le Tribunal arbitral ne la considère inappropriée, une liste des points litigieux à résoudre;

5° Les noms complets, adresse et autres détails de contact de chacun des arbitres ;

6° Le lieu de l'arbitrage ; et

7° Des indications relatives aux règles applicables à la procédure et, le cas échéant, la mention des pouvoirs octroyés au tribunal arbitral d'agir comme amiable compositeur ou de décider ex aequo et bono.

L'acte de mission signé par le tribunal arbitral et par les parties sont soumis par le Tribunal

n'urukiko ndetse n'impande zose mu gihe kitarenze amezi abiri (2) uhereye ku itariki idosiye yohererejweho. Ikigo gishobora kongera iki gihe bitewe n'isaba ryumvikana ry'urukiko rw'ubukemurampaka cyangwa se ku bwacyo mu gihe kibona ko ari ngombwa kubikora.

Mu gihe hari uruhande rwanze kugira uruhare mu gutegura inyandiko y'ubutumwa cyangwa rwanze kuhishyiraho umukono, inyandiko y'ubutumwa ishyikirizwa ikigo kikayemeza. Iyo inyandiko y'ubutumwa imaze gushyirwaho umukono cyangwa yemejwe n'Ikigo, ubukemurampaka niho bushobora gukomeza.

Iyo Inyandiko y'ubutumwa imaze gushyirwaho umukono cyangwa kwemezwa, nta ruhande rushobora gutanga ibirego bishya bitari mu nyandiko y'ubutumwa keretse rubyemerewe n'urukiko rw'ubukemurampaka rushingiye ku miterere y'ibyo birego, rurebye aho ubukemurampaka bugeze n'ibindi byashingirwaho.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Gutanga imyanzuro n'izindi nyandiko**

Uretse mu gihe urukiko rubitegetse ukundi, imyanzuro n'izindi nyandiko bitangwa mu mu buryo buteganyijwe n'ayi ngingo.

Tribunal to the Centre within two months of the date on which the file has been transmitted. The Centre may extend this time limit pursuant to a reasoned request from the arbitral tribunal or on its own initiative if it decides it is necessary to do so.

If any of the parties refuses to take part in the drawing up of the Terms of Reference or to sign the same, they shall be submitted to the Centre for approval. When the Terms of Reference have been signed or approved by the Centre, the arbitration shall proceed.

After the Terms of Reference have been signed or approved by the Centre, no party shall make new claims which fall outside the limits of the Terms of Reference unless it has been authorized to do so by the Arbitral tribunal, which shall consider the nature of such new claims, the stage of the arbitration and other relevant circumstances

**<u>Article 30</u>: Submission of Written Statements and Documents**

Unless the Arbitral tribunal determines otherwise, the submission of written statements and other documents shall proceed as set out in this Article.

Arbitral au Centre dans les deux mois de la date à laquelle le dossier a été transmis. Le Centre peut prolonger le délai limite suite à une demande motivée du Tribunal Arbitral ou de sa propre initiative s'il décide qu'il est nécessaire de le faire.

Si l'un des parties refuse de prendre part à l'élaboration de l'acte de mission ou de les signer, ils peuvent être soumis au Centre pour approbation. Lorsque l'acte de mission a été signé ou approuvé par le Centre, l'arbitrage peut continuer.

Après la signature de l'acte de mission, ou son approbation par le Centre, les parties ne peuvent faire de nouvelles demandes hors des limites de l'acte de mission, sauf autorisation du tribunal arbitral, qui tient compte de la nature de ces nouvelles demandes, de l'état d'avancement de la procédure et de toutes autres circonstances pertinentes.

**<u>Article 30</u>: Soumission de déclarations écrites et d'autres documents**

A moins que le Tribunal ne le détermine autrement, la soumission des déclarations écrites et d'autres documents doit être faite telle que fixée dans cet article.

Uretse igihe byatanzwe mu isaba, urega agomba kohereza inteko n'uregwa inyandiko y'ikirego mu gihe kigenwa n'inteko y'ubukemurampaka kandi igaragaza:

1° Inyandiko y'ibintu ikirego gishingiyeho;

2° Ingingo zo mu mategeko ikirego gishingiyeho;

3° Icyemezo urega ashaka ko gifatwa n'agaciro mu mafaranga k'ikirego.

Uretse iyo yatanzwe mu gisubizo ku isaba ry'ubukemurampaka, uregwa agomba mu gihe kigenwa n'urukiko rw'ubukemurampaka kurwohereza urukiko n'urundi ruhandeinyandiko y'ukwiregura kwe irimo imyiregurire ye yose ku byo aregwa hakubiyemo cyane cyane ibintu byose bigaragaza imiterere y'ikibazo n'ingingo z'amategeko ashingiraho. Inyandiko y'ukwiregura igaragaza kandi ikirego icyo aricyo cyose cyo kwiregura.kigomba kubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 30 igika cya 2.

Mu gihe habayeho ikirego cyo kwiregura, urega agomba mu gihe kigenwa n'urukiko rw'ubukemurampaka, kohereza urukiko n'urundi ruhande inyandiko yo kwiregura ku kirego cyo kwiregura igaragaza mu magambo

Unless submitted in the Request, the claimant shall within a period to be determined by the Arbitral tribunal send to the Respondent and the Arbitral tribunal a statement of claim setting out

1° a statement of facts supporting the Claim;

2° the legal grounds or arguments supporting the claim and;

3° the relief claimed together with the amount of all quantifiable claims

Unless already submitted in the Answer to the Request for arbitration, the Respondent shall within a time period to be determined by the Tribunal submit to the Tribunal and the respondent a statement of defense setting out its fully defense to the statement of claim including without limitation the facts and contentious of law it relies on. The statement of defense shall also state any counterclaim which shall comply with the requirements of Article 30 para 2.

If a counterclaim is made, the claimant shall within a period of time to be determined by the tribunal send a statement of defense to the counterclaim stating in full detail which of the facts and contentions of law in the statement of

A moins que soumise dans la demande, le Demandeur transmet au Défendeur et au Tribunal arbitral dans les délais à déterminer par le Tribunal arbitral, les moyens de la demande détaillant :

1° le relevé des faits justifiant la demande ;

2° les motifs et arguments juridiques justifiant la demande;

3° et la réparation demandée avec le montant de toutes les demandes quantifiables ;

A moins qu'il ne l'ait déjà soumis dans la réponse à la demande d'arbitrage, le défendeur soumet au tribunal et au demandeur dans les délais à déterminer par le Tribunal arbitral, les moyens en défense détaillant sa défense en entier par rapport aux moyens de la demande comprenant mais sans se limiter aux faits et le contentieux juridique sur lequel il se fonde. Le mémoire en défense détaille également toute demande reconventionnelle qui doit respecter les conditions de l'article 30 alinéa 2.

Si la demande reconventionnelle est faite, le demandeur doit transmettre, dans les délais à déterminer par le tribunal arbitral, un mémoire en défense par rapport à la demande reconventionnelle, présentant en détail les faits

arambuye ibyo yemera cyangwa ibyo ahakana mu byavuzwe mu kirego ndetse no mu mategeko yashingiweho mu gutanga ikirego cyo kwiregura n'impamvu ashingiraho, kandi akagaragaza n'ibintu ndetse n'ingingo z'amategeko ashingiraho.

Uruhande rushobora guhindura ikirego cyangwa ikirego cyo kwiregura cyarwo cyangwa izindi nyandiko rwatanze keretse mu gihe inteko ibona ko bidakwiye kwemera iryo hinduka kubera igihe byafata kubikora cyangwa igihombo byateza urundi ruhande cyangwa indi mpamvu.

Inteko yemeza izindi nyandiko zatangwa n'impande kandi ikagena igihe ntarengwa zatangwamo.

Inyandiko zose zivugwa muri aya mabwiriza zigomba guherekezwa na kopi (cyangwa mu gihe ari inyandiko nini, urutonde rwazo) z'inyandiko zose za ngombwa uruhande rushingiraho kandi zitigeze zitangwa mbere n'uruhande urwo arirwo rwose, mu gihe bishoboka, n'ingero fatizo zazo.

Kopi zose z'inyandiko zivugwa muri iyi ngingo zigomba gushyikirizwa Ubunyamabanga.

counterclaim it admits or denies on what grounds, and on what other facts or contentions of law it relies.

A party may amend its claim or counterclaim or other submissions unless the Arbitral tribunal considers it inappropriate to allow such amendments having regard to the delay in making it or prejudice to the other party or any other circumstances.

The Arbitral tribunal shall decide which further submissions shall be required from the parties and fix the period of time for such submission.

All Statements referred to in this Rule shall be accompanied by copies(or, if they are especially voluminous, lists) of all essential documents on which the party concerned relies and which have not previously been submitted by any party, and (where appropriate) by any relevant samples.

Copies of all statements referred to in this Rule shall be served on the Secretariat.

et prétentions de droit de la demande reconventionnelle qu'il admet ou rejette, sur quelles bases, et sur quels autres faits ou contentieux de droit il se fonde.

Une partie peut modifier sa demande ou sa demande reconventionnelle ou autres soumissions à moins que le Tribunal ne le considère inapproprié pour permettre de telles modifications en tenant compte du retard pour le faire ou le préjudice à l'autre partie ou toute autre circonstance.

Le Tribunal arbitral décide des autres mémoires et documents exigés des parties et fixe le délai pour leur dépôt.

Toutes les déclarations dont référence est faite dans cette article sont accompagnées par les copies (ou les listes, si elles sont spécialement volumineuses) de tous les documents essentiels sur lesquels la partie concernée se fonde et qui n'ont pas été antérieurement soumises par aucune partie, et (là où cela et approprié) par tout échantillon pertinent.

Les copies de toutes les déclarations dont référence est fait dans cet article doivent être fournies au Secrétariat.

Mu gihe urega adashoboye gutanga inyandiko y'ikirego cye mu gihe kivugwa muri iyi ngingo cyangwa gishobora kugenwa n'inteko y'ubukemurampaka, inteko ifata icyemezo cyo guhagarika ubukemurampaka. Iyo uregwa adashoboye gutanga inyandiko y'ukwiregura kwe, cyangwa igihe icyo aricyo cyose uruhande urwo arirwo rwose rwiyimye amahirwe yo gusobanura ikibazo cyarwo mu buryo bwemejwe n'Inteko, inteko ishobora gukomeza ubukemurampaka igafata icyemezo cy'ubukemurampaka.

**Ingingo ya 31: Ububasha bw'urukiko rw'ubukemurampaka**

Inteko igena ububasha bwarwo, harimo no gufata icyemezo ku kwanga cyangwa guhakana ko amasezerano y'ubukemurampaka ariho cyangwa afite agaciro. Kuri ibyo ingingo yerekeranye no gukoresha ubukemurampaka, imwe mu zigize amasezerano, ifatwa nk'amasezerano yihariye atandukanye n'izindi ngingo z'amasezerano. Icyemezo cy'urukiko ko amasezerano adafite agaciro, ntigihita kivuga ko n'ingingo y'ubukemurampaka nta gaciro ifite.

Kwiregura uruhande ruvuga ko inteko y'ubukemurampaka idafite ububasha bigomba gukorwa bitarenze igihe cy'inyandiko yo kwiregura. Kwiregura uruhande ruvuga ko inteko ishaka kurenga ububasha bwayo bigomba guhita

If the Claimant fails within the time specified under this rule or as may be fixed by the Arbitral Tribunal, to submit his Statement of Case, the Arbitral Tribunal shall issue an order for the termination of the arbitral proceedings. If the Respondent fails to submit a Statement of Defense, or if at any point any party fails to avail itself of the opportunity to present its case in the manner directed by the Arbitral Tribunal, the Arbitral Tribunal may nevertheless proceed with the arbitration and make the award.

**Article 31: Jurisdiction of the Arbitral Tribunal**

The Arbitral Tribunal shall have the power to rule on its own jurisdiction, including any objections with respect to the existence or validity of the arbitration agreement. For that purpose, an arbitration clause which forms part of a contract shall be treated as an agreement independent of the other terms of the contract. A decision by the Arbitral Tribunal that the contract is null and void shall not entail *ipso jure* the invalidity of the arbitration clause.

A plea that the Arbitral Tribunal does not have jurisdiction shall be raised not later than in the Statement of Defense. A plea that the Arbitral Tribunal is exceeding the scope of its authority shall be raised promptly after the Arbitral

Si le Demandeur, dans les délais spécifiés en vertu de cet article ou tel qu'ils peuvent être fixés par le tribunal arbitral, n'arrive pas à soumettre ses prétentions, le tribunal arbitral prend une ordonnance pour clôturer la procédure arbitrale. Si le Défendeur ne soumet pas son mémoire de défense ou si à toute étape de la procédure une partie échoue de présenter son affaire de manière prévue par le tribunal arbitral, ce dernier peut néanmoins procéder à l'arbitrage et rendre une sentence.

**Article 31 : Compétence du tribunal Arbitral**

Le Tribunal arbitral a compétence de statuer sur les exceptions prises de son incompétence, y compris toute objection en rapport avec l'existence ou la validité de la clause compromissoire. Pour cette fin, une clause compromissoire qui fait partie d'un contrat est traité comme une convention distincte des autres clauses du contrat. La constatation de la nullité du contrat par le Tribunal arbitral n'entraine pas de plein droit la nullité de la clause compromissoire.

L'exception d'incompétence du tribunal arbitral doit être soulevée au plus tard lors du dépôt de la réponse. L'exception prise de ce que la question litigieuse excéderait les pouvoirs du tribunal arbitral doit être soulevé promptement

bikorwa ako kanya inteko imaze kugaragaza ko ishaka gufata umwanzuro ku kibazo kivugwa ko kirenze ububasha bwayo. Inteko ishobora kwemera kwakira uko kwiregura mu gihe kirenze ikimaze kuvugwa iyo ibona ko ubwo bukererwe bufite impamvu.

Byiyongereye ku bubasha bwo gukoresha ububasha buvugwa ahandi muri aya mabwiriza, Inteko ifite ububasha bwo gukemura ikibazo icyo aricyo cyose cy'amategeko kivutse mu bukemurampaka, gukomeza ubukemurampaka kabone n 'iyo haba hari uruhande rutubahirije aya mabwiriza cyangwa ibyemezo n'imirongo bifashwe n'inteko y'ubukemurampaka, cyangwa kuza mu nama cyangwa iburanisha, ariko imaze kubimemenyesha urwo ruhande ko rugiye kubikora, no kwakira no kwita ku bimenyetso byo mu magambo cyangwa byanditse rubona ko ari ngombwa, byaba byemewe cyangwa bitemewe mu mategeko.

**<u>Ingingo ya 32</u>: Ububasha bw'inyongera bw'urukiko rw'ubukemurampaka**

Uretse mu gihe impande zombi zibyumvikanyeho ukundi, kandi byitaye ku byo amategeko yaba atemera, Inteko y'ubukemurampaka ifite ububasha, yaba ibisabwe n'uruhande rumwe cyangwa ku bwayo , ariko uko byagenda kose imaze guha umwanya impande zose ngo zigaragaze ibitekerezo byazo, bwo:

Tribunal has indicated its intention to decide on the matter alleged to be beyond the scope of its authority. In either case the Arbitral Tribunal may nevertheless admit a late plea under this paragraph if it considers the delay justified.

In addition to the jurisdiction to exercise the powers defined elsewhere in these Rules, the Arbitral Tribunal shall have jurisdiction to determine any question of law arising in the arbitration; proceed in the arbitration notwithstanding the failure or refusal of any party to comply with these Rules or with the Arbitral Tribunal's orders or directions , or to attend any meeting or hearing, but only after giving that party written notice that it intends to do so; and to receive and take into account such written or oral evidence as it shall determine to be relevant, whether or not strictly admissible in law.

**<u>Article 32</u>: Additional Powers of the Arbitral Tribunal**

Unless the parties at any time agree otherwise, and subject to any mandatory limitations of any applicable law, the Arbitral Tribunal shall have the power, on the application of any party or of its own motion, but in either case only after giving the parties a proper opportunity to state their views, to:

après que le tribunal arbitral ait indiqué son intention de statuer sur la question prétendue excéder les limites de son autorité. Dans tous les cas le tribunal peut néanmoins admettre une exception tardive en vertu de cet alinéa s'il considère le retard justifié.

En complément à la compétence d'exercer les pouvoirs définis ailleurs dans ces règles, le Tribunal arbitral a la compétence d'examiner toute question de droit soulevé dans l'arbitrage ; poursuivre l'arbitrage nonobstant le défaut ou le refus de toute partie de se conformer à ces règles ou des ordonnances ou instructions du Tribunal arbitral, ou de participer à toute réunion ou audience, mais seulement après avoir donné à cette partie un avis écrit qu'il a l'intention de le faire ; et recevoir et prendre en considération cette preuve écrite ou orale tel qu'il décide d'être pertinent qu'elle soit strictement admissible ou non dans la loi.

**<u>Article 32</u>: Pouvoirs additionnels du Tribunal Arbitral**

A moins que les parties n'en conviennent autrement à tout moment, et sujets à toutes limitations obligatoires de toute loi applicable, le Tribunal arbitral doit avoir le pouvoir, à la demande de toute partie ou de sa propre initiative, mais dans tous les cas seulement après avoir donné aux parties une occasion

1° kugaragaza amategeko agenga cyangwa akurikizwa mu masezerano, cyangwa ubwumvikane ku bukemurampaka cyangwa ikibazo hagati y'impande zombi;

2° gutegeka gukosora amasezerano cyangwa ubwumvikane ku bukemurampaka, ariko bigarukira gusa ku bisabwa mu gukosora ikosa iryo ariryo ryose urukiko rubona ko ryakozwe n'impande zombi kandi bikaba gusa mu gihe amategeko agenga ayo masezerano yemera ko bene iryo kosa rikosorwa;

3° kwemerera izindi mpande ko zaza mu bukemurampaka zibyiyemereye kandi igafata icyemezo cy'ubukemurampaka kimwe cya nyuma kigaragaza amakimbirane ari hagati yazo zose;

4° kwemerera uruhande urwo arirwo rwose, rugendeye ku

1° Determine what are the rules of law governing or applicable to any contract, or arbitration agreement or issue between the parties;

2° order the correction of any such contract or arbitration agreement, but only to the extent required to rectify any mistake which it determines to be common to all the parties and then only if and to the extent to which the rules of law governing or applicable to the contract permit such correction:

3° allow other parties to be joined in the arbitration with their express consent, and make a single final award determining all disputes between them;

4° allow any party, upon such terms (as to costs and otherwise) as it

propre à présenter les points de vue, de :

1° Déterminer quelles sont les règles de droit gouvernant ou applicable à tout contrat, ou à la convention d'arbitrage ou au problème entre les parties ;

2° ordonner la correction de tout contrat ou la convention d'arbitrage, mais seulement dans la mesure requise pour rectifier toute erreur qu'il détermine d'être commune à toutes les parties et ainsi seulement si et dans la mesure à laquelle les règles de loi gouvernant ou applicables au contrat permet une telle correction ;

3° permettre aux parties d'être jointes dans l'arbitrage avec leur consentement expresse et rendre une seule sentence finale décidant sur tous les différends entre elles ;

4° permettre à toute partie, sur ces termes (tels que les frais et autre)

bisabwa ( birebana n'ikiguzi n'ibindi) uko rwabigena, guhindura ibirego cyangwa ibirego byo kwiregura;

5° gukora amaperereza yose urukiko rubona ko ari ngombwa cyangwa yihutirwa;

6° gutegeka impande gutanga umutungo uwo ariwo wose, zihibereye, kugira ngo ukorerwe igenzura n'Inteko cyangwa impuguke;

7° gutegeka kubungabunga, kubika, kugurisha cyangwa ubundi buryo bwo kwikuraho umutungo cyangwa ikintu kiri mu maboko y'uruhande urwo arirwo rwose;

8° gutegeka uruhande urwo arirwo rwose gushyikiriza Inteko ndetse n'urundi ruhande inyandiko iyo ariyo yose na kopi yayo cyangwa icyiciro cy'inyandiko zitunze cyangwa zifiteho ububasha Inteko ibona ko ari ngombwa kugira ngo izigenzure.

shall determine, to amend claims or counterclaims;

5° conduct such enquiries as may appear to the Arbitral Tribunal to be necessary or expedient:

6° order the parties to make any property or thing available for inspection, in their presence, by the Arbitral Tribunal or any expert;

7° order the preservation, storage, sale or other disposal of any property or thing under the control of any party;

8° order any party to produce to the Arbitral Tribunal, and to the other parties for inspection, and to supply copies of, any documents or classes of documents in their possession or power which the Tribunal determines to be relevant.

qu'il détermine, de changer les demandes ou les demandes reconventionnelles ;

5° mener les enquêtes telles qu'il peut apparaître nécessaire ou indiqué au Tribunal ;

6° ordonner aux parties de rendre disponible toute propriété ou bien disponible pour inspection, en leur présence, par le tribunal arbitral ou tout expert ;

7° ordonner la conservation, le stockage, la vente ou autre disposition de toute propriété ou bien sous contrôle de toute partie ;

8° ordonner à toute partie de produire au Tribunal Arbitral, et aux autres parties pour l'inspection, et de fournir les copies de tout document ou séries de documents en leur possession ou leur pouvoir que le tribunal arbitral estime être pertinent.

Iyo impande zumvikanye ubukemurampaka bukurikiza aya mabwiriza, impande zifatwa nk'izemeye gusaba urukiko rw'ubukemurampaka rwonyine, nta nteko isanzwe ibigiyemo cyangwa ubundi butegetsi bw'ubucamanza, icyemezo giteganyijwe mu ngingo ya 32 igika cya mbere, uduce twa (6), (7), (8).

**Ingingo ya 33: Ibyemezo by'agateganyo n'ibyihutirwa**

Uretse igihe impande zabyumvikanyeho ukundi, iyo idosiye imaze kugera mu rukiko rw'ubukemurampaka, rushobora rubisabwe n'uruhande urwarirwo rwose, gufata icyemezo cy'agateganyo cyangwa cyihutirwa rubona ko bikwiye. Urukiko rw'ubukemurampaka rushobora gufata bene icyo cyemezo rusabye ingwate uruhande rwagisabye. Bene icyo cyemezo gifatwa nk'icyemezo cy'Inteko kigaragaza impamvu cyangwa se kigafatwa mu buryo bw'icyemezo cy 'ubukemurampaka bitewe n'uko Inteko ibona ibikwiye.

Mbere y'uko idosiye ishyikirizwa Inteko y'ubukemurampaka, impande zishobora gusaba urukiko rusanzwe rubifitiye ububasha gufata ibyemezo by'agateganyo cyangwa ibyemezo by'ihutirwa. Gusaba bene icyo cyemezo mu rukiko rusanzwe cyangwa kurusaba ko icyemezo cyafashwe n'Inteko y'ubukemurampaka gishyirwa mu bikorwa

By agreeing to arbitration under these Rules the parties shall be taken to have agreed to apply only to the Arbitral Tribunal, and not to any court of law or other judicial authority, for an order under paragraphs (6), (7) or (7) of Article 32 para 1.

**Article 33: Interim and Emergency Measures**

Unless the parties have otherwise agreed, as soon as the file has been transmitted to it, the arbitral tribunal may, at the request of a party, order any interim or conservatory measure it deems appropriate. The Arbitral tribunal may make the granting of any such measure subject to appropriate security being furnished by the requesting party. Any such measure shall take the form of an order, giving reasons, or of an award, as the arbitral tribunal considers appropriate.

Before the file is transmitted to the Arbitral tribunal, the parties may apply to any competent judicial authority for interim or conservatory measures. The application of a party to a judicial authority for such measures or for the implementation of any such measures ordered by an arbitral tribunal shall not be deemed to be an infringement or a

Par la convention d'arbitrage appliquant ce règlement, les parties sont censées être convenues de ne recourir seulement qu'au tribunal arbitral et non à n'importe quelle Cour de justice ou autre autorité judiciaire, pour l'ordonnance en vertu de l'article 32 alinéa premier, points (6), (7), ou (8).

**Article 33: Mesures Provisoires et Conservatoires**

A moins que les parties n'en aient convenu autrement, aussitôt que le dossier lui est transmis, le tribunal arbitral peut, à la demande d'une partie, ordonner une mesure provisoire ou conservatoire qu'il estime appropriée. Le tribunal arbitral peut prendre de telles mesures sujettes à ce qu'une garantie appropriée soit fournie par la partie requérante. De telles mesures prennent la forme d'une ordonnance, avec motivations, ou d'une sentence, telle que le tribunal arbitral l'estime appropriée.

Avant que le dossier ne soit transmis au tribunal arbitral, les parties peuvent demander à toute autorité judiciaire compétente de prendre des mesures provisoires ou conservatoires. La demande d'une partie à une autorité judiciaire pour de telles mesures ou la mise en application de telles mesures ordonnées par le tribunal arbitral ne sera pas considérée comme une

ntibivuga ko byishe amategeko cyangwa byavanyeho ubwumvikane ku bukemurampaka kandi ntibigira ingaruka ku bubasha bwahawe inteko y'ubukemurampaka.

Bene iryo saba n'ibyemezo byafashwe n'urukiko rusanzwe bigomba kumenyeshwa bidatinze Ubunyamabanga, nabwo bukabimenyesha inteko y'ubukemurampaka.

**Ingingo ya 34: Umukemurampaka wihutirwa**

Uruhande rukeneye ibyemezo by'agateganyo cyangwa byihutirwa rudashobora gutegereza ishyirwaho ry'inteko y'ubukemurampaka ("Ibyemezo byihutirwa") rushobora gusaba bene ibyo byemezo hakurikijwe Amabwiriza agenga Umukemurampaka wihutirwa ari ku mugereka wa II. Bene iryo saba ryemezwa gusa iyo ryakiriwe n'Ubunyamabanga mbere y'uko idosiye yohererezwa inteko y'ubukemurampaka.

Icyemezo gifashwe n'umukemurampaka wihutirwa kiba giteye nk'icyemezo kigomba kubahirizwa. Impande zigomba kubahiriza bene icyo cyemezo cyafashwe n'umukemurampaka wihutirwa.

Icyemezo cyafashwe n'umukemurampaka wihutirwa ntabwo inteko y'ubukemurampaka itegetswe kugikurikiza ku bijyana n'ikibazo icyo

waiver of the arbitration agreement and shall not affect the relevant powers reserved to the arbitral tribunal.

Any such application and any measures taken by the judicial authority must be notified without delay to the Secretariat. The Secretariat shall inform the Arbitral tribunal thereof.

**Article 34: Emergency Arbitrator**

A party that needs urgent interim or conservatory measures that cannot await the constitution of an Arbitral tribunal ("Emergency Measures") may make an application for such measures pursuant to the Emergency Arbitrator Rules in schedule II. Any such application shall be accepted only if it is received by the Secretariat prior to the transmission of the file to the arbitral tribunal.

The emergency arbitrator's decision shall take the form of an order. The parties undertake to comply with any order made by the emergency arbitrator.

The emergency arbitrator's order shall not bind the arbitral tribunal with respect to any question, issue or dispute determined in the

violation ou un renoncement à une convention d'arbitrage et n'affecte pas la compétence du tribunal arbitral à ce titre.

Une telle demande et de telles mesures prises par une autorité judiciaire doivent être notifiées sans délai au Secrétariat. Le Secrétariat en informe le Tribunal arbitral.

**Article 34: Arbitre d'urgence**

Une partie qui a besoin des mesures provisoires ou conservatoires ne peut pas attendre la constitution d'un tribunal arbitral (mesures d'urgence) peut faire une demande pour de telles mesures sur base des Règles relative à l'Arbitre d'urgence dans l'Annexe II. Une telle demande doit être acceptée que si elle est reçue par le Secrétariat avant la transmission du dossier au tribunal arbitral.

Décision de l'arbitre d'urgence doit prendre la forme d'une ordonnance. Les parties s'engagent à se conformer à toute ordonnance rendue par l'arbitre d'urgence.

L'Ordonnance de l'arbitre d'urgence de ne lie pas le tribunal arbitral à l'égard de toute question, problème ou le litige déterminé dans

aricyo cyose cyangwa impaka zavuzwe muri icyo cyemezo. Inteko y'ubukemurampaka ishobora guhindura, guhagarika cyangwa gutesha agaciro icyo cyemezo cyangwa ikindi cyose cyaba cyahinduwe kuri icyo cyemezo bikozwe n'umukemurampaka wihutirwa.

Inteko y'ubukemurampaka ifata icyemezo ku bisabwa byose n'uruhande urwo arirwo rwose birebana n'imiburanishirize y'umukemurampaka wihutirwa harimo no gusubira mu kiguzi cy'imiburanishirize kubijyane n'uburyo cyagabanijwe hagati y'impande zose ndetse n'ibindi birego biturutse cyangwa bifitanye isano no kubahiriza cyangwa kutubahiriza icyo cyemezo.

Ingingo za 34 igika cya1 - 4 hamwe n'Amabwiriza agenga Umukemurampaka wihutirwa agaragara ku mugereka wa II (byitwa hamwe "Ingingo zirebana n'umukemurampaka wihutirwa") zikurikizwa gusa ku mpande zasinye amasezerano y'ubukemurampaka akurikiza aya mabwiriza cyangwa ku bazungura b'abasinye ayo masezerano gusa.

Ingingo zirebana n'umukemurampaka wihutirwa ntabwo zikoreshwa iyo impande zumvikanye ubundi buryo bwakoreshwa kugirango zibone ibyemezo by'agateganyo cyangwa byihutirwa n'ibindi bisa n'abyo mbere y'uko ubukemurampaka butangira cyangwa

order. The arbitral tribunal may modify, terminate or annul the order or any modification thereto made by the emergency arbitrator.

The Arbitral tribunal shall decide upon any party's requests or claims related to the emergency arbitrator proceedings, including the reallocation of the costs of such proceedings and any claims arising out of or in connection with the compliance or non-compliance with the order.

Articles 34 para 1 to 4 and the Emergency Arbitrator Rules set forth in Schedule II (collectively the "Emergency Arbitrator Provisions") shall apply only to parties that are either signatories of the arbitration agreement under the Rules that is relied upon for the application or successors to such signatories.

The Emergency Arbitrator provisions shall not apply if the parties have agreed to another pre-arbitral procedure that provides for the granting of conservatory, interim or similar measures or the parties have agree to opt out of the Emergency Arbitrator provisions.

l'ordonnance. Le tribunal arbitral peut modifier, résilier ou annuler l'ordonnance ou de toutemodification rendue par l'arbitre d'urgence.

Le tribunal arbitral se prononce sur les demandes d'une partie ou de réclamations liés à la Procédure d'urgence, y compris la réaffectation des frais de procédure, et toute réclamation résultant de ou en relation avec le respect ou le non-respect de l'ordonnance.

Articles 34 alinéa 1 à 4 et les Règlements d'arbitre d'urgence énoncées à l'annexe II (collectivement, les «Dispositions de l'arbitre d'urgence ") s'applique seulement aux parties qui sont soit des signataires de la convention d'arbitrage en vertu des règles qui est invoquée pour l'application ou successeurs de ces signataires.

Les dispositions de l'arbitre d'urgence ne s'applique pas si les parties ont convenu d'une autre procédure pré-arbitrale qui prévoit l'octroi de mesures conservatoires, provisoires ou similaires, ou les parties sont d'accord de se retirer des

zarumvikanye gusa ko ingingo zirebana n'umukemurampaka wihutirwa zitazakoreshwa.

**Ingingo ya 35: Gusuzuma ibiteye impaka**

Inteko y'ubukemurampaka yihutira mu gihe gito gishoboka kugaragaza ibintu bigize ikirego mu buryo bwose bukwiye.

Nyuma yo gusuzuma imyanzuro yatanzwe n'impande zose ndetse n'inyandiko zose zishingiweho, inteko y'ubukemurampaka yumva impande zose hamwe ubwabo mu gihe hari uwabisabye. Ishobora no kubumva ari yo yifatiye icyo cyemezo.

Inteko y'ubukemurampaka ishobora gufata icyemezo cyo kumva abatangabuhamya n'impuguke bashyizweho n'impande cyangwa undi muntu awariwe wese; impande zose zihari cyangwa zidahari zipfa kuba zaratumijwe mu buryo bukwiye.

Inteko y'ubukemurampaka, imaze kugisha inama impande zose, ishobora gushyiraho impuguke imwe cyangwa nyinshi, ikagaragaza akazi kabo ikanashyikirizwa raporo zabo. Iyo uruhande rubisabye, impande ziburana zishobora kugira ibibazo zibaza bene izo mpuguke mu gihe Intego iburanisha.

**Article 35: Establishment of the Facts of the Case**

The Arbitral tribunal shall proceed quickly and efficiently to establish the facts of the case by all appropriate means.

After studying the written submissions by parties and all documents relied upon, the Arbitral Tribunal shall hear all the parties together in person if any of them so request. It may also hear them of its own decision to hear them.

The Arbitral Tribunal may decide to hear witnesses and experts appointed by the parties or any other person in the presence of the parties or in their absence provided they have been duly summoned

The arbitral tribunal, after having consulted the parties, may appoint one or more experts, define their terms of reference and receive their reports. At the request of a party, the parties shall be given the opportunity to question at a hearing any such expert.

dispositions de l'arbitre d'urgence.

**Article 35: Etablissement des faits de l'affaire**

Le Tribunal Arbitral procède le plus rapidement possible et de manière efficace à l'établissement des faits de l'affaire par tous moyens appropriés.

Après examen des soumissions écrites par les parties et tous les documents invoqués, le Tribunal Arbitral entend toutes les parties en personne si une partie le demande. Il peut également les entendre de sa propre décision.

Le Tribunal Arbitral peut décider d'entendre les témoins et des experts désignés par les parties ou toute autre personne en présence des parties ou en leur absence à condition qu'elles aient été dûment convoquées.

Le Tribunal Arbitral, après avoir consulté les parties, peut désigner un ou plusieurs experts, définir leurs termes de référence et recevoir leurs rapports. A la demande d'une partie, il est donné opportunité aux parties de poser des questions à tout expert dans une audience.

Igihe icyo aricyo cyose mu gihe ubukemurampaka bukorwa, inteko y'abakemurampaka ishobora guhamagaza uruhande urwo arirwo rwose ngo rutange ibindi bimenyetso.

Inteko y'ubukemurampaka ishobora gukemura ikibazo ishingiye ku nyandiko gusa zatanzwe n'impande zose keretse iyo hari uruhande rwasabye ko habaho iburanisha.

**<u>Ingingo ya 36</u>: Iburanisha**

Iyo iburanisha rigomba kuba, inteko y'ubukemurampaka, yarabimenyesheje mu buryo bukwiye, itumiza impande zose kugira ngo ziyitabe ahantu ndetse n'isaha yagennye.

Iyo rumwe mu mpande, kabone n'iyo rwaba rwatumijwe mu buryo bukwiye, rudashoboye kwitaba nta mpamvu yumvikana, inteko y'ubukemurampaka ifite ububasha bwo gukomeza iburanisha.

Impande zishobora kwitaba inteko zo ubwazo cyangwa zikohereza abazihagarariye babifitiye ububasha. Bashobora kunganirwa n'abajyanama babo.

Keretse iyo impande zabyumvikanye ukundi, inama zose n'iburanisha ryose biba mu muhezo. Ibifatwa amajwi, ibyandukurwa cyangwa

At any time during the proceedings, the arbitral tribunal may summon any party to provide additional evidence.

The Arbitral tribunal may decide the case solely on the documents submitted by the parties unless any of the parties requests a hearing.

**<u>Article 36</u>: Hearings**

When a hearing is to be held, the Arbitral tribunal, giving reasonable notice, shall summon the parties to appear before it on the day and at the place fixed by it.

If any of the parties, although duly summoned, fails to appear without valid excuse, the arbitral tribunal shall have the power to proceed with the hearing.

The parties may appear in person or through duly authorized representatives. They may be assisted by advisers.

Unless otherwise agreed by the parties, all meetings and hearings shall be in private and any records, transcripts or documents used

A tout moment durant la procédure, le Tribunal Arbitral peut convoquer toute partie pour fournir des preuves additionnelles.

Le Tribunal Arbitral peut examiner l'affaire uniquement sur documents soumis par les parties à moins qu'une partie ne demande une audition.

**<u>Article 36</u>: Des Audiences**

Lorsqu'une audience doit se tenir, le Tribunal Arbitral, en dans un délai raisonnable, convoque les parties pour se présenter devant lui au jour et à l'endroit fixés par lui.

Si une partie, bien que dûment convoquée, ne comparait pas devant lui sans excuse valable, le Tribunal Arbitral a la compétence de poursuivre l'audience.

Les parties peuvent comparaitre en personne ou par des représentants autorisés. Elles peuvent être assistées par leurs conseillers.

A moins que les parties n'en conviennent autrement, toutes les réunions et les audiences se tiennent à huis clos et tout enregistrement,

inyandiko byose bikomeza kugirwa ibanga.

**Ingingo ya 37: Gusoza imihango y'ubukemurampaka n'itariki yo gutanga umushinga w'umwanzuro w'ubukemurampaka**

Bidatinze nyuma y'iburanisha rya nyuma rirebana n'ibibazo bigomba gufatwaho icyemezo mu mwanzuro w'ubukemurampaka cyangwa gutanga imyanzuro ya nyuma irebena n'ibyo bibazo, inteko y'ubukemurampaka igomba:

1° kumenyesha ko imihango y'ubukemurampaka ishojwe ku birebana n'ibibazo bigomba gufatwaho ibyemezo mu mwanzuro w'ubukemurampaka;

2° kumenyesha Ubunyamabanga n'impande zose itariki ntarengwa izaba yashyikirijeho umushinga w'umwanzuro w'ubukemurampaka ku Kigo ngo wemezwe.

Iyo imihango y'ubukemurampaka imaze gusozwa , nta zindi nyandiko, ingingo nshya cyangwa ibimenyetso byatangwa birebana n'ibibazo bigomba gufatwaho ibyemezo mu mwanzuro w'ubukemurampaka keretse inteko yemeje ku bushake bwayo cyangwa ibisabwe n'uruhande kongera gufungura imihango y'ubukemurampaka

shall remain confidential.

**Article 37: Closing of the Proceeding and date of Submission of the Draft Award**

As soon as possible after the last hearing concerning matters to be decided in an award or the filing of the last authorized submissions concerning such matters, the Arbitral tribunal shall:

1° declare the proceedings closed with respect to the matters to be decided in the award; and,

2° inform the Secretariat and the parties of the date by which it expects to submit its draft award to the Centre for approval.

After the proceedings are closed, no further submission or argument may be made, or evidence produced, with respect to the matters to be decided in the award, unless the Arbitral Tribunal decides on its own or upon application by a party but before any award is made to reopen the proceedings.

transcriptions ou documents utilisés restent confidentiels.

**Article 37: Clôture de la procédure et date de soumission du projet de sentence**

Aussitôt que possible après la dernière audience concernant les questions devant faire l'objet de décision dans une sentence ou le dépôt des dernières soumissions autorisées concernant ces questions, le Tribunal arbitral :

1° Déclare la procédure close en ce qui concerne les questions devant faire l'objet d'une décision dans la sentence ;

2° Informe le Secrétariat et les parties de la date à laquelle il attend soumettre un projet de sentence au Centre pour approbation.

Après la clôture de la procédure, aucune soumission ni argument ne peut être reçu, ni preuve produite en rapport avec les questions devant faire l'objet d'une décision dans la sentence, à moins que le Tribunal ne décide de sa propre initiative ou sur demande d'une partie mais avant que toute sentence ne soit rendu pour

ariko bikaba mbere yo gufata umwanzuro w'ubukemurampaka.

## UMUTWE WA V: UMWANZURO W'UBUKEMURAMPAKA

### Ingingo ya 38: Gufata umwanzuro w'ubukemurampaka

Iyo inteko igizwe n'abakemurampaka barenze umwe, umwanzuro w'ubukemurampaka ufatwa ku bwiganze bw'amajwi. Iyo icyemezo gishingiye ku bwiganze bw'amajwi kitabonetse, umukemurampaka ukuriye inteko afata umwanzuro mu izina ry'inteko.

Umwanzuro w'ubukemurampaka ugaragaza impamvu washingiyeho kandi ufatwa nk'uwafatiwe ahabereye ubukemurampaka no ku itariki ivugwa muri uwo mwanzuro.
Inteko ishobora gufata imyanzuro y'ubukemurampaka itandukanye ku bibazo bitandukanye mu bihe bitandukanye.

Iyo impande zikiranuye ubwazo nyuma y'uko idosiye yashyikirijwe inteko y'ubukemurampaka, ubwo bwumvikane bwazo bwandikwa nk'umwanzuro w'ubukemurampaka wafashwe ku bwumvikane bw'impande zose, mu gihe impande zombi zibisabye. Inteko y'ubukemurampaka iba irangije inshingano zayo kandi ubukemurampaka

## CHAPTER V: THE AWARD

### Article 38: Making of the Award

When the Arbitral tribunal is composed of more than one arbitrator, an award is made by a majority decision. Failing a majority decision on any issue, the presiding Arbitrator shall make the award for the Arbitral tribunal

The award shall state the reasons upon which is based and shall be deemed to be made at the place of arbitration and on the date stated therein.
The Arbitral tribunal may make separate awards on different issues at different times.

If the parties reach a settlement after the file has been transmitted to the Arbitral tribunal,
the settlement shall be recorded in the form of an award made by consent of the parties, if so requested by the parties. The Arbitral tribunal shall be discharged and the arbitration concluded upon payment of any outstanding

la réouverture de la procédure.

## CHAPITRE V : LA SENTENCE

### Article 38: Prononcé de la sentence

Lorsque le Tribunal arbitral est composé de plus d'un arbitre une sentence est rendue à la majorité de décision. Faute de majorité de décision sur toute question, L'arbitre président du Tribunal arbitral fait une sentence pour le Tribunal arbitral.

La sentence indique les motifs sur lesquels elle est basée et, est réputée rendue au lieu et à la date indiqués dans la sentence.

Le Tribunal arbitral peut rendre des sentences distinctes sur des questions distinctes à des moments distincts.

Si les parties arrivent à un règlement amiable du litige après que le dossier ait été transmis au Tribunal Arbitral, la décision de règlement amiable est rapporté sous forme d'une sentence faite par consentement des parties, s'il en a été ainsi requis par les parties. Le Tribunal est déchargé et l'arbitrage clôturé dès le paiement

burangiye iyo ikiguzi cy'ubukemurampaka cyaba gisigaye kishyuwe.

Mbere yo gufata umwanzuro w'ubukemurampaka, inteko ishyikiriza Ubunyamabanga umushinga w'umwanzuro mu gihe kitarenze iminsi mirongo ine n'itanu (45) uhereye igihe imihango y'ubukemurampaka yashojerejwe keretse iyo Ubunyamabanga bwongereye icyo gihe. Ubunyamabanga bushobora mu gihe cya vuba gishoboka gusaba ibyahindurwa mu myandikire y'umwanzuro w'ubukemurampaka ndetse, mu gihe bidafite ingaruka ku bwigenge bw'inteko mu gufata icyemezo kugira icyo bugaragariza inteko mu mizi y'umwanzuro. Nta mwanzuro w'ubukemurampaka wafatwa Umunyamabanga Mukuru atemeje imyandikire yawo.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Imenyeshwa, itangwa ndetse n'iyubahirizwa ry'umwanzuro w'ubukemurampaka**

Iyo umwanzuro w'ubukemurampaka wafashwe, Ubunyamabanga bumenyesha impande zose inyandiko yasinywe n'inteko y'ubukemurampaka, ikiguzi cy'ubukemurampaka gipfa kuba cyarishyuwe cyose ku Kigo n' impande zombi cyangwa rumwe muri zo.

Ku bw'imenyesha rikorwa hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 39 igika cya mbere, nta rindi

costs of arbitration.

Before issuing any award, the Arbitral tribunal shall submit it in a draft form to the Secretariat within forty-five (45) days of the closing of the proceedings unless the Secretariat extends this time. The Secretariat may as soon as practicable suggest modifications as to the form of the award and, without affecting the arbitral tribunal's liberty of decision, may also draw its attention to points of substance. No award shall be issued without approval of the Secretary General as to its form.

**<u>Article 39</u>: Notification, Deposit and Enforceability of the Award**

Once an award has been made, the Secretariat shall notify to the parties the text signed by the arbitral tribunal, provided always that the costs of the Arbitral arbitration have been fully paid to the Centre by the parties or by one of them.

By virtue of the notification made in accordance with Article 39 para 1, the parties

de tous frais d'arbitrage impayés.

Avant de rendre une sentence, le Tribunal arbitral la soumet sous forme de projet au Secrétariat dans les quarante-cinq(45) jours de la clôture de la procédure à moins que le Secrétariat ne prolonge ce délai. Le Secrétariat peut aussitôt que possible suggérer des modifications par rapport à la forme de la sentence et, sans affecter la liberté de décision du Tribunal Arbitral, elle peut également attirer son attention sur les questions de fond. Aucune sentence n'est rendue sans l'approbation du Secrétaire Général quant à sa forme.

**<u>Article 39</u>: Notification, dépôt et exécution de la sentence**

Une fois la sentence rendue, le Secrétariat notifie les parties le texte signé par le Tribunal Arbitral, à conditions toujours que les frais d'arbitrage aient été payés entièrement au Centre par les parties ou par l'une d'elles.

Suite à la notification faite conformément à l'article 39 alinéa premier, les parties renoncent

menyeshwa cyangwa itangwa ry'umwanzuro impande zasaba inteko y'ubukemurampaka.

Kopi y'umwimerere ya buri mwanzuro wafashwe hakurikijwe aya mabwiriza ibikwa n' Ubunyamabanga. Kopi zindi z'inyongera zemejwe ko zisa n'iy'umwimerere n'Umunyamabanga Mukuru zihabwa impande iyo zizisabye igihe icyo aricyo cyose, ariko nta wundi zihabwa.

Inteko y'ubukemurampaka hamwe n'Ubunyamabanga bafasha impande mu kubahiriza ibindi byose zasabwa nyuma mu gihe ari ngombwa.

Buri mwanzuro w'ubukemurampaka uba ari uwa udasubirwaho kandi ugomba kubahirizwa n'impande zose uhereye igihe wafatiwe.

Iyo impande zasabye ubukemurampaka hakurikijwe aya mabwiriza, ziba ziyemeje guhita zishyira mu bikorwa umwanzuro wose w'ubukemurampaka kandi zifatwa nk'izaretse uburenganzira bwazo bwo kujurira, gusubizamo cyangwa kwitabaza urwego urwo arirwo rwose rw'ubucamanza busanzwe mu gihe cyose kwiyambura ubwo burenganzira byakozwe bifite agaciro.

waive any other form of notification or deposit on the part of the Arbitral tribunal.

An original of each award made in accordance with the Rules shall be deposited with the Secretariat and additional copies certified true by the Secretary General shall be made available on request and at any time to the parties, but to no one else.

The Arbitral tribunal and the Secretariat shall assist the parties in complying with whatever further formalities may be necessary.

Every award shall be final and binding on the parties from the date it is made.

By submitting the dispute to arbitration under the Rules, the parties undertake to carry out any award immediately and without delay and shall be deemed to have waived their right to any form of appeal, review or recourse to any other judicial authority insofar as such waiver may be validly be made.

à toute autre forme de notification ou de dépôt de la part du Tribunal Arbitral.

Un original de chaque sentence rendue conformément aux Règlement est déposé au Secrétariat et les copies additionnelles certifiées conformes par le Secrétaire Général sont rendues disponibles à la demande et à tout moment sur requête des parties mais pas à aucune autre personne.

Le Tribunal Arbitral et le Secrétariat assistent les parties pour se conformer avec toute formalité ultérieure qui pourrait être nécessaire.

Chaque sentence est définitive et lie les parties à partir de la date à laquelle elle a été rendue.

En soumettant le différend à l'arbitrage en vertu du règlement, les parties s'engagent à exécuter toute sentence immédiatement et sans délai et sont réputées avoir renoncé à leur droit de toute forme d'appel, de révision ou de recours à tout autre autorité judiciaire dans la mesure où cette renonciation peut être faite valablement.

**Ingingo ya 40: Gukosora no gusobanura imyanzuro y'ubukemurampaka**

Inteko y'ubukemurampaka ibyibwirije ishobora gukosora ikosa ry'imyandikire, ryo muri mudasobwa cyangwa se ry'imashini yindi cyangwa andi makosa asa n'ayo agaragara mu mwanzuro w'ubukemurampaka, iryo kosorwa ripfa gusa kuba ryashyikirijwe Ikigo ngo ryemerwe bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe umwanzuro wafatiwe.

Isaba iryo ariryo ryose rikozwe n'uruhande rumwe ngo habeho ikosorwa rivugwa mu ngingo ya 40 igika cya mbere cyangwa isobanura ry'umwanzuro w'ubukemurampaka rigomba gushyikirizwa Ubunyamabanga mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe uruhande rwaboneye uwo mwanzuro. Nyuma yo kugeza iryo saba ku nteko y'ubukemurampaka, inteko iha urundi ruhande igihe gito kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe urwo ruhande rwaboneye iryo saba, ngo ruritangeho ibitekerezo. Inteko y'ubukemurampaka ishyikiriza Ikigo icyemezo cyayo kuri iryo saba mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe urundi ruhande rwahawe cyo gutanga ibitekerezo kuri iryo saba cyangwa se ikindi gihe Ikigo cyagena.

Icyemezo gikosora cyangwa gisobanura umwanzuro w'ubukemurampaka gitangwa

**Article 40: Correction and Interpretation of Awards**

On its own initiative, the Arbitral tribunal may correct a clerical, computational or typographical error, or any errors of similar nature contained in an award, provided such correction is submitted for approval to the Centre within fifteen (15) days of the date of such award.

Any application of a party for the correction of an error of the kind referred to in Article 40 para 1, or for the interpretation of an award, must be made to the Secretariat within 15 days of the receipt of the award by such party. After transmission of the application to the arbitral tribunal, the latter shall grant the other party a short time limit, normally not exceeding fifteen (15) days from the receipt of the application by that party, to submit comments thereon. The arbitral tribunal shall submit its decision on the application in draft form to the Centre not later than 15 days following the expiration of the time limit for comments from the other party or within such other period as the Centre may decide

A decision to correct or to interpret the award shall take the form of an addendum and shall

**Article 40: Correction et interprétation de la sentence**

Le Tribunal Arbitral peut de sa propre initiative corriger toute erreur matérielle, de calcul ou typographique ou toute erreur de même nature contenue dans la sentence, pourvu que cette correction soit soumise pour approbation au Centre dans les 15 jours de la date de cette sentence.

Toute demande d'une partie pour la correction d'une erreur de même nature que celle mentionnée à l'article 40 alinéa 1, ou pour une interprétation de la sentence doit être adressée au Secrétariat dans les 15 jours de la réception de la sentence par cette partie. Après la transmission de la demande au Tribunal Arbitral, celui-ci peut accorder à l'autre partie un délai court, normalement n'excédant pas 15 jours à partir de la réception de la demande par cette partie, pour soumettre des observations y relatives. Le Tribunal Arbitral soumet sa décision dans les quinze (15) jours suivant l'expiration des délais pour observations par l'autre partie ou dans une autre période telle que le Centre peut décider.

Une décision de correction ou d'interprétation de la sentence prend la forme d'un complément et

nk'inyandiko y'inyongera kandi kiba mu bigize umwanzuro. Ibiteganywa mu ngingo ya 38 no mu ngingo ya 39 byubahirizwa hahinduwe ibigomba guhindurwa.

## UMUTWE WA VI: IKIGUZI CY'UBUKEMURAMPAKA

### Ingingo ya 41: Avanse ku kiguzi cy'ubukemurampaka

Nyuma yo kwakira isaba, Umunyamabanga Mukuru ashobora gusaba urega kwishyura amafaranga ya avansi y'agateganyo angana n'ayakoreshwa mu bukemurampaka kugeza igihe inyandiko y'ubutumwa bw'Inteko y'ubukemurampaka ibonetse.

Mu gihe cya vuba gishoboka, Ikigo gishyiraho amafaranga ya avansi ku kiguzi angana n'ayashobora kwishyura imirimo y'abakemurampaka, ayo bakoreshejwe ndetse n'ay'Ikigo ku birego byatanzwe n'impande ziri mu bukemurampaka. Amafaranga ya avansi ku kiguzi agenwa n'Ikigo yishyurwa mu buryo bungana n'urega hamwe n'uregwa.

Mu gihe ibirego bidashobora guhabwa agaciro mu mafaranga kandi igihe cyo kwishyura kigeze, Ikigo kigena umubare wishyurwa nk'ikiguzi cy'ubukemurampaka kigenekereje. Iryo genekereza rishingira ku miterere y'ikibazo

constitute part of the award. The provisions of Articles 38 and 39 shall apply *mutatis mutandis*.

## CHAPTER VI: COSTS OF ARBITRATION

### Article 41: Advance on costs of arbitration

After receipt of the Request, the Secretary General may request the claimant to pay a provisional advance in an amount intended to cover the costs of the arbitration until the Terms of Reference have been drawn up.

As soon as practicable, the Centre shall fix the advance on costs in an amount likely to cover the fees and expenses of the arbitrators and the administrative expenses of the Centre for the claims which have been referred to it by the parties. The advance on costs fixed by the Centre shall be payable in equal shares by the Claimant and the Respondent.

When the amount of the Claims is not quantifiable at the time the payment is due, a provisional estimate of the costs of arbitration shall be made by the Centre. Such estimate may be based on the nature of the controversy

fait partie de la sentence. Les dispositions des articles 38 et 39 *mutatis mutandis*.

## CHAPITRE VI : FRAIS D'ARBITRAGE

### Article 41: Avance sur les frais d'arbitrage

Après la réception de la requête, le Secrétariat peut inviter le demandeur à payer une avance sur la provision pour frais d'arbitrage jusqu'à l'établissement de l'acte de mission.

Aussitôt que possible, Le Centre fixe une avance sur les frais d'un montant pouvant couvrir les frais et dépenses des arbitres et les dépenses administratives du Centre pour la requête lui soumise par les parties. L'avance sur les frais fixée par le Centre est payable à parts égales par le Demandeur et le Défendeur.

Lorsque le montant des demandes n'est pas quantifiable au moment du paiement, une estimation provisionnelle des frais d'arbitrage est faite par le Centre. Une telle estimation peut être basée sur la nature de la controverse et les

ndetse n'ibindi bintu bijyanye nacyo.

Iyo hari ibirego byo kwiregura byatanzwe n'uruhande ruregwa, Ikigo gishobora kugena amafaranga atandukanye ya avansi ku kiguzi ajyanye n'ibirego ndetse n'ibirego byo kwiregura. Mu gihe ikigo cyagennye amafaranga y'avansi ku kiguzi atandukanye, buri ruhande rwishyura avansi ku kiguzi ajyanye n'ibirego byarwo.

Amafaranga ya avansi ku kiguzi agenwa n'Ikigo hakurikikijwe iyi ngingo ya 41 ashobora guhindurwa igihe icyo aricyo cyose mu gihe ubukemurampaka bugikomeza. Uko byagenda kose, uruhande urwo arirwo rwose rushobora kwishyurira urundi rufite amafaranga ya avansiku kiguzi mu gihe urwo ruhande rwaba rutashoboye kwiyishyurira uruhare rwarwo kuri avansi.

Iyo isaba ryo kwishyura amafaranga ya avansi ritubahirijwe, nyuma yo kungurana ibitekerezo n'inteko y'ubukemurampaka, Umunyamabanga Mukuru ashobora gusaba inteko y'ubukemurampaka guhagarika imirimo yayo agashyiraho igihe ntarengwa, kidashobora kuba munsi y'iminsi cumi n'itanu (15) cyarangira ibirego bigafatwa nk'aho byavuyeho, bitabujije ko ibyo birego byakongera gutanga mu rindi saba ry'ubukemurampaka.

and the circumstances of the case.

Where counterclaims are submitted by the Respondent, the Centre may fix separate advances on costs for the claims and the counterclaims. When the Centre has fixed separate advances on costs, each of the parties shall pay the advance on costs corresponding to its claims.

The amount of any advance on costs fixed by the Centre pursuant to this Article 41 may be subject to readjustment at any time during the arbitration proceeding. In all cases, any party shall be free to pay any other party's share of any advance on costs should such other party fail to pay its share.

When a request for an advance on costs has not been complied with, and after consultation with the Arbitral tribunal, the Secretary General may direct the arbitral tribunal to suspend its work and set a time limit, which must be not less than fifteen (15) days, on the expiry of which the relevant claims shall be considered as withdrawn without prejudice to reintroducing the same claims or counterclaims in another proceeding.

circonstances de l'affaire.

Lorsque les demandes reconventionnelles sont soumises par le Défendeur, le Centre peut fixer des avances distinctes sur les frais pour les demandes principales et les demandes reconventionnelles. Lorsque le Tribunal Arbitral a fixé les avances distinctes sur les frais, chacune des parties payent l'avance sur les frais correspondants à ses demandes.

Le montant de toute avance sur les frais fixée par le Centre conformément au présent article 41 peut être sujet à réajustement à tout moment durant l'arbitrage. Dans tous les cas, toute partie est libre de payer n'importe quelle part de toute avance sur les frais de l'autre partie si cette autre partie n'a pas payé sa part.

Lorsque une demande d'avance sur les frais n'a pas été respectée et, après consultation avec le Tribunal Arbitral, le Secrétariat peut ordonner au Tribunal Arbitral de suspendre son travail et fixer un délai ; qui ne saurait être inférieur à 15 jours, à l'expiration duquel les demandes auxquelles correspond cette avance seront considérées comme retirées sans préjudice de réintroduction des mêmes demandes ou demandes reconventionnelles dans une autre procédure.

**<u>Ingingo ya 42</u>: Kugaragaza Ikiguzi cy'ubukemurampaka mu mwanzuro w'ubukemurampaka**

Inteko y'ubukemurampaka igaragaza mu mwanzuro w'ubukemurampaka, amafaranga yose y'ikiguzi cy'ubukemurampaka. Uretse mu gihe impande zaba zabyumvikanyeho ukundi, Inteko igena mu mwanzuro w'ubukemurampaka uruhare rwa buri ruhande mu kwishyura ikiguzi cy'ubukemurampaka.

Mu gufata ibyemezo birebana n'ikiguzi cy'ubukemurampaka Inteko y'ubukemurampaka ireba ibintu byose yashingiraho harimo n'uburyo buri ruhande rwagize uruhare mu kwihutisha ubukemurampaka no gutuma budahenda.

Ikiguzi cy'Ubukemurampaka kiba gikubiyemo amafaranga y'igihembo ndetse n'ayakoreshejwe n'abakemurampaka kimwe n'ayakoreshejwe n'Ikigo mu mirimo yacyo y'ubuyobozi nkuko Ikigo kiba cyayagennye gishingiye ibiri ku mugereka w'ibiciro uri kuri aya mabwiriza, kimwe n'igihembo n'ibyatanzwe n'impuguke zashyizweho n'Inteko y'ubukemurampaka hamwe n'ibyatanzwe n'impande zose buryo bugereranije.

Ikigo gishobora gushyiraho amafaranga y'igihembo cy'abakemurampaka ku mubare uri

**<u>Article 42</u>: Decision as to the Costs of Arbitration**

The Arbitral tribunal shall specify in the final award, the total amount of the costs of the arbitration. Unless the parties have agreed otherwise, the Arbitral tribunal shall determine in the award the apportionment of the costs of arbitration among the parties.

In making decision as to the costs, the Arbitral tribunal may consider such circumstances as it considers relevant, including the extent to which each part has conducted the arbitration in expeditious and cost-effective manner.

The costs of the arbitration shall include the fees and expenses of the arbitrators and the Centre's administrative fees and expenses fixed by the Centre in accordance with the schedule of fees hereto, as well as the fees and expenses of any experts appointed by the arbitral tribunal and the reasonable legal and other costs incurred by the parties for the arbitration.

In exceptional circumstances of the case, The Centre may fix the fees of the arbitrators at a

**<u>Article 42</u>: Décision sur les frais d'arbitrage**

Le Tribunal Arbitral spécifie dans la sentence le montant total des frais d'arbitrage. A moins que les parties ne l'aient autrement convenu, le Tribunal détermine dans la sentence la répartition des frais d'arbitrage entre les parties.

Lorsqu'il prend des décisions sur les frais d'arbitrage, le tribunal arbitral peut prendre en considération toutes les circonstances pertinentes y compris la mesure dans laquelle chacune des parties a contribué à la bonne conduite de l'arbitrage en termes de rapidité et d'efficacité.

Les frais d'arbitrage comprennent les honoraires et les dépenses des arbitres, les frais administratifs du Centre conformément à la Liste des frais en annexe ainsi que les honoraires et dépenses de tout expert désigné par le Tribunal Arbitral et d'autres coûts légaux raisonnables encourus par les parties pour l'arbitrage.

Dans des circonstances exceptionnelles ; Le centre peut fixer les honoraires des arbitres à un

hejuru cyangwa munsi ku mubare wabarwa hagendewe ku biteganywa mu mugereka w'amafaranga, iyo bibaye ngombwa bitewe n'imiterere idasanzwe y'ikibazo, ariko amafaranga yiyongeraho ntashobora kurenga 20% by'umubare wa mbere.

Mu gihe ibirego byose bikuweho n'uwabitanze cyangwa ubukemurampaka buhagaze mbere yo gutanga umwanzuro wa burundu w'ubukemurampaka, Ikigo Kigena amafaranga y'ibihembo by'abakemurampaka n'ayo bakoresheje ndetse n'amafaranga gikoresha mu mirimo yacyo y'ubuyobozi. Mu gihe impande zitumvikanye ku igabana ry'ikiguzi cy'ubukemurampaka no ku bindi bibazo birebana n'ikiguzi cy'ubukemurampaka, bene ibyo bibazo bikemurwa n'Inteko y'abakemurampaka. Iyo uwareze yisubiyeho agakuraho ibirego cyangwa ubukemurampaka bugahagarara mbere y'uko Inteko y'ubukemurampaka ijyaho, uruhande urwo arirwo rwose rushobora gusaba Ikigo ko cyashyiraho inteko y'ubukemurampaka hakurikijwe aya mabwiriza kugira ngo iyo nteko ishobore gufata ibyemezo birebana n'ikiguzi cy'ubukemurampaka.

Ubunyamabanga bushobora kujya butegeka impande gutanga izindi avansi ku kiguzi cy'ubukemurampaka kiriho cyangwa kigomba kubaho kubaho mu izina kandi mu nyungu z'impande zose.

figure higher or lower than that which would result from the application of the schedule of fees, provided that such alteration does not exceed 20% of the original figure.

In the event of the withdrawal of all claims or termination of the arbitration before the rendering of a final award, the Centre shall fix the fees and expenses of the arbitrators and the Centre administrative expenses. If the parties have not agreed upon the allocation of the costs of the arbitration or other relevant issues with respect to costs, such matters shall be decided by the arbitral tribunal. If the Arbitral tribunal has not been constituted at the time of such withdrawal or termination, any party may request the Centre to proceed with the constitution of the arbitral tribunal in accordance with the Rules so that the arbitral tribunal may make decisions as to costs.

The Secretariat may from time to time direcet parties to make further advances towards costs of the arbitration incurred or to be incurred on behalf of or for the benefit of the parties.

montant plus élevé ou moins élevé que les honoraires prévus à la Liste des frais en annexe I tableau(2) et tableau (3) de ce règlement, pourvu que la variation ne dépasse pas 20% du montant original.

Dans le cas du retrait de toutes les demandes ou de la clôture de l'arbitrage avant de rendre une sentence finale, le centre fixe les honoraires et les dépenses des arbitres ainsi que les dépenses administratives du Centre. Si les parties ne se sont pas convenues sur l'allocation des coûts d'arbitrage ou d'autres questions concernant les coûts, de telles affaires sont déterminées par le Tribunal Arbitral. Si le Tribunal Arbitral n'était pas constitué au moment du retrait ou de clôture, toute partie peut demander au Centre de procéder à la constitution du Tribunal Arbitral conformément aux Règlements de sorte que le Tribunal Arbitral puisse prendre des décisions en rapport avec les coûts.

Le Secrétariat peut de temps à autre ordonner aux parties de payer d'autres avances par rapports aux frais d'arbitrage encourus ou devant être encourus au nom ou pour l'intérêt des parties.

Igihe icyari cyose ubukemurampaka burimo gukorwa, Inteko y'abakemurampaka ishobora gufata ibyemezo ku mafaranga yishyurirwa ubukemurampaka atari ayemezwa n'Ikigo, igategeka ko yishyurwa. Inteko y'ubukemurampaka ishobora gutegeka mu cyemezo cy'ubukemurampaka ko amafaranga y'ikiguzi cy'ubukemurampaka uruhande rugomba kwishyura hatarimo agenwa n'ikigo yakwishyurwa n'urundi ruhande.

Iyo ubukemurampaka burangiye ku bwumvikane cyangwa buhagaritswe nta buranisha ribayeho, ikiguzi cy'ubukemurampaka kigenwa n'Ubunyamabanga. Ubunyamabanga bwita ku bintu byose birebana n'ikirego, harimo n'urwego ubukemurampaka bwari bugezeho mbere yo guhagarara cyangwa kurangira ku bwumvikane. Iyo ikiguzi cy'ubukemurampaka cyagenwe kiri munsi y'amafaranga ya avansi yatanzwe, amafaranga arenzeho asubizwa impande ziburana mu buryo zumvikanaho, cyangwa mu gihe zitabyumvikanyeho, amafaranga abasubizwa hakurikije amafaranga buri ruhande rwari rwaratanze.

Amafaranga yose ya avansi yishyurwa Ikigo kandi akabikwa nacyo. Inyungu zabyarwa n'ayo mafaranga abitswe zisigaranwa n'Ikigo.

At anytime during the arbitral proceedings, the arbitral tribunal may make decisions on costs, other than those to be fixed by the Center, and order payment. The Arbitral tribunal may order on its award that all or part of legal or other costs of a party be paraid by another party.

If the arbitration is settled or disposed of without a hearing, the cost of arbitration shall be finally detrerrmined by the Secretariat. The Secretariat shall have regard to all the circumstances of the case, including the stage of proceedings at whh the arbitration is settled or disposed of. In the event that the costs of arbitration determined are less tat the desposists made, there shall be a refund in such proportions as the parties may agree, or failing an agreement, in the same proportions as the desposits were made.

All advances shall be madeto and held by the Centre. Any interest which may accrue on such deposits shall be retained by the Centre.

A n'importe quel moment durant la procédure d'arbitrage, le tribunal arbitral peut prendre des décisions sur les frais d'arbitrage autre que ceux fixés par le Centre et ordonner le paiement. Il peut ordonner dans sa sentence que tous ou une partie des frais légaux ou autres frais d'une partie soient payés par une autre partie.

Si l'arbitrage est réglé à l'amiable ou disposé sans audience, les frais d'arbitrage sont finalement déterminés par le Secrétariat. Le Secrétariat tient compte de toutes les circonstances de l'affaire, y compris l'étape de la procédure à laquelle l'arbitrage est réglé ou disposé. Dans le cas où les frais d'arbitrage fixés sont inférieurs aux dépôts faits, il doit y avoir un remboursement dans de telles proportions que les parties peuvent convenir, ou à défaut d'un accord, dans les mêmes proportions que les dépôts qui étaient faits.

Toutes les avances sont faites au Centre et tenues par celui-ci. Tout intérêt sur de tels dépôts est retenu par le Centre.

**Ingingo ya 43: Amafaranga yo kwandikisha ikirego**

Akimara gutanga isaba ry'ubukemurampaka, urega yishyura amafaranga yo kwandikisha ikirego angana n'amadolari y'amanyamerika Magana abiri na mirongo itanu (US$ 250). Uwo mubare unishyurwa n'uregwa mu gihe atanze ikirego cyo kwiregura.

Iyo amafaranga yo kwandikisha ikirego adatanzwe mu gihe cyo gutanga isaba ry'ubukemurampaka cyangwa ikirego cyo kwiregura, Ikigo nticyandika icyo kirego cyangwa icyo kirego cyo kwiregura.

Amafaranga yo kwiyandikisha ntasubizwa.

**Ingingo ya 44: Ibyakoreshejwe mu mirimo y'ubuyobozi**

Amafaranga y'imirimo y'ubuyobozi yakozwe n'Ikigo agenwa hashingiwe ku mubare w'amafaranga aburanwa bikurikije imbonerahamwe ya mbere (1) iri ku mugereka w'iri teka.

Umubare w'amafaranga uburanwa uba ungana n'agaciro mu mafaranga k'ibirego byose, ibirego byo kwiregura n'imyishyuranire hagati

**Article 43: Registration fee**

Upon filing the request of arbitration, the Claimant shall pay a registration fee amounting to US$250 (two hundred fifty dollars). The same amount shall be paid by the Respondent upon filing a counterclaim.

If the registration fee is not paid upon filing the Request for arbitration or the counterclaim, the Centre shall not register the request or the counter claim.

The registration fee is non-refundable.

**Article 44: Centre's Administrative Expenses**

The administrative expenses shall be determined based on the sum in dispute in accordance with Annex I table (1) to this Order.

The sum in dispute shall be the aggregate value of all claims, counterclaims and set-offs.

**Article 43: Frais d'enregistrement**

Au moment du dépôt d'une notification d'arbitrage, le Demandeur paye des frais d'enregistrement équivalent à 250 USD (deux cent cinquante dollars Américains). Le même montant doit être payé par le Défendeur sur dépôt des demandes reconventionnelles.

Si les frais d'enregistrement ne sont payés au moment du dépôt de la demande d'arbitrage ou de la demande reconventionnelle, le Centre n'enregistre pas l'affaire ou la demande reconventionnelle.

Les frais d'enregistrement ne sont pas remboursables.

**Article 44: Les frais administratifs du Centre**

Les frais administratifs sont fixés sur base du montant en litige conformément au tableau (1) de l'annexe I au présent arrêté.

La somme en litige doit être la valeur totale de toutes les demandes, des demandes reconventionnelles et des compensations entre

y'impande zose byose bikusanyirije hamwe.

Mu gihe umubare w'amafaranga uburanwa udashobora kumenyekana neza, Ikigo kigena amafaranga arebana n'imirimo y'ubuyobozi yakozwe kigendeye ku bintu byose byatanga ikigereranyo cyayo.

Amafaranga yishyurirwa imirimo y'ubuyobozi yakozwe ntashobora kurenga ibihumbi makumyabiri na bitatu by'amadolari y'amanyamerika (US$ 23,000).

**<u>Ingingo ya 45</u>: Igihembo cy'abakemurampaka**

Igihembo cy'abakemurampaka kibarwa hashingiwe ku mubare w'amafaranga aburanwa hakurikijwe imbonerahamwe ya 2 n'iya 3 ziri ku mugereka wa mbere w'iri teka.

Umubare w'amafaranga uburanwa uba ungana n'agaciro mu mafaranga k'ibirego byose, ibirego byo kwiregura n'imyishyuranire hagati y'impande zose byose bikusanirijwe hamwe.

Mu gihe umubare w'amafaranga uburanwa udashobora kumenyekana neza, Ikigo kigena amafaranga y'igihembo cy'abakemurampaka gishingiye ku bintu byose byatanga ikigereranyo.

Iyo umubare w'amafaranga aburanwa utarenze miliyoni eshatu z'amadolari y'amanyamerika

Where the sum in dispute cannot be ascertained, the Centre shall determine the administrative expenses taking all relevant circumstances into account.

The maximum amount of administrative expenses shall be US$ 23 000 (twenty three thousand US$).

**<u>Article 45</u>: Arbitrators Fees**

The arbitrators fees shall be determined based on the sum in dispute in accordance with tables (2) and (3) of Annex I to this Order.

The sum in dispute shall be the aggregate value of all claims, counterclaims and set-offs.

Where the sum in dispute cannot be ascertained, the Centre shall determine the fees of the arbitral tribunal taking all relevant circumstances into account.

Where the sum in dispute does not exceed US$ 3.000.000 (three million), the fees of the

les parties.

Lorsque le montant en litige ne peut pas être calculé, le Centre détermine les frais administratifs en tenant compte de toutes les circonstances pertinentes.

Le montant maximum des frais administratifs est de vingt-trois mille dollars Américains (23.000 USD).

**<u>Article 45</u>: Les honoraires des arbitres**

Les honoraires des arbitres sont fixés sur base de la somme en litige conformément aux tableaux (2) et (3) de l'annexe I de ce règlement.

La somme en litige doit être la valeur totale de toutes les demandes, des demandes reconventionnelles et de paiements.

Lorsque le montant en litige ne peut pas être calculé, le Centre détermine les frais du Tribunal Arbitral en tenant compte de toutes les circonstances pertinentes.

Lorsque le montant en litige n'excède pas trois millions de dollars Américains (3.000.000 USD),

(USD 3,000,000) amafaranga y'igihembo cy'umukemurampaka abarwa nk'umubare mbumbe hakurikijwe Imbonerahamwe ya 2 iri ku mugereka w'iri teka.

Iyo umubare w'amafaranga aburanwa uri hejuru ya miliyoni eshatu z'amadolari y'amanyamerika (USD 3,000,000), amafaranga y'igihembo cy'umukemurampaka agenwa mu byiciro bigaragara mu mbonerahamwe ya 3 iri ku mugereka w'iri teka.

## **UMUTWE WA VII**: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

### **Ingingo ya 46**: Kwiyambura uburenganzira bwo kugira icyo wanga mu bukemurampaka

Uruhande ruri mu bukemurampaka rugakomeza rutagaragaze ko hari ingingo iyo ariyo yose yo muri aya mabwiriza rwanze cyangwa y'andi mabwiriza akurikizwa mu bukemurampaka, icyemezo icyo aricyo cyose cyatanzwe n'Inteko y'ubukemurampaka cyangwa ikindi cyose cyasabwa hakurikijwe amasezerano y'ubukemurampaka cyerekeranye n'ishyirwaho ry'inteko y'ubukemurampaka cyangwa se uburyo bukorwa, rufatwa nk'urwiyambuye uburenganzira bwo kugira icyo rwanga.

arbitrator shall be determined as a flat amount in accordance with Table (2) annexed to this Order.

Where the sum in dispute exceeds US$ 3.000.000 (three million), the fees of the arbitrator shall be finally determined in accordance with the scales set out in Table (3) annexed to this Order.

## **CHAPTER VII**: MISCELLANOUS AND FINAL PROVISIONS

### **Article 46**: Waiver

A party which proceeds with the arbitration without raising its objection to a failure to comply with any provision of the Rules, or of any other rules applicable to the proceedings, any direction given by the Arbitral tribunal, or any requirement under the arbitration agreement relating to the constitution of the arbitral tribunal or the conduct of the proceedings, shall be deemed to have waived its right to object.

les frais des arbitres sont fixés comme un montant forfaitaire conformément au tableau (2) de l'Annexe I du présent arrêté.

Lorsque la somme en litige excède trois millions de dollars américains (3.000.000 USD), les frais des arbitres sont en définitive fixés conformément à l'échelle fixée dans la table (3) de l'Annexe I au présent arrêté.

## **CHAPITRE VII**: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

### **Article 46**: Renonciation au droit d'objection

Une partie est réputée avoir renoncé à son droit d'objection s'il continue dans la procédure d'arbitrage sans soulever ses objections par rapport à la violation des Règlements ou de toutes autres règles applicables à la procédure, de toute instruction donnée par le Tribunal Arbitral, ou de toute exigence en vertu d'une convention arbitrale relative à la constitution du Tribunal Arbitral ou à la conduite de la procédure.

**Ingingo ya 47: Kuvanirwaho uburyozwe**

Nta muntu ushobora kugira icyo aryoza Ikigo n'abakozi bacyo cyangwa abakemurampaka kubera uburangare, igikorwa cyangwa kudakora icyo bagombaga gukora mu byerekeranye n'ubukemurampaka bugengwa n'aya mabwiriza.

Ikigo hamwe n'abakozi bacyo nta nshingano iyo ariyo yose bafite yo kugira icyo batangaza cyerekeranye n'ubukemurampaka bugengwa n'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 48: Kugira ibanga**

Impande n'inteko y'ubukemurampaka bagomba buri gihe kugira ibanga ku bibazo birebana n'bukemurampaka n'umwanzuro w'ubukemurampaka.

Uruhande cyangwa umukemurampaka uwo ariwe wese ntabashobora adafite uruhushya rwanditse rw'impande zose gutangaza ikibazo nk'icyo keretse :

1° ku mpamvu zo gusaba urukiko rubifitiye ububasha rw'igihugu icyo aricyo cyose gushyira icyemezo cy'ubukemurampaka mu

**Article 47: Exclusion of Liability**

The Centre including its officers or the arbitrators shall not be liable to any person for negligence, act or omission in connection with arbitration governed by these Rules.

The Centre including its officers shall not be under any obligation to make any statement in connexion with any arbitration governed by these rules.

**Article 48: Confidentiality**

The Parties and the Arbitral tribunal shall always treat the matters relating to the proceedings and the Award as confidential.

A party or any arbitrator shall not without written consent of all the parties disclose any such matter except

1° for the purpose of making an application to any competent Court of any State to enforce or challenge the Award;

**Article 47: Exclusion de la responsabilité**

Le Centre y compris ses agents ou les arbitres ne sont responsables envers aucune personne pour négligence, acte ou omission en connexion avec l'arbitrage régi par le présent règlement.

Le Centre y compris ses agents n'est soumis à aucune obligation de faire toute déclaration en connexion avec l'arbitrage régi par le présent règlement.

**Article 48: Confidentialité**

Les parties et le Tribunal arbitral traitent toujours les questions relatives à la procédure et à la sentence arbitrale comme confidentielles.

Une partie ou tout arbitre, sans consentement écrit de toutes les parties, ne peut divulguer aucun renseignement sauf:

1° pour faire une demande à toute juridiction compétente d'un Etat pour l'exécution de la sentence arbitrale ou sa contestation ;

bikorwa cyangwa kugitesha agaciro ;

2° biturutse ku cyemezo cyangwa ihamagazwa ry'urukiko rubifitiye ububasha ;

3° ku mpamvu zo gushyira mu bikorwa cyangwa gukurikirana uburenganzira butangwa n'amategeko cyangwa ikirego ;

4° mu kubahiriza amategeko y'igihugu icyo aricyo cyose agomba kubahirizwa n'umuntu utangaje ayo makuru ;

5° mu kubahiriza isaba cyangwa ibisabwa n'ikigo gishyiraho amabwiriza runaka cyangwa ikindi kigo, cyangwa

6° biturutse ku cyemezo cy'urukiko rubisabwe n'uruhande kandi rwarabimenyesheje mu buryo bukwiye izindi mpande.

2° pursuant to an Order or subpoena issued by a Court with Competent Jurisdiction;

3° for the purpose of enforcing or pursuing a legal right or Claim;

4° in compliance with the provisions of the laws of any State which are binding on a party making the disclosure;

5° in compliance of a request or requirement of any regulatory body or other authority or;

6° pursuant to an Order of a Tribunal on application of a party with proper notice to the other parties.

2° conformément à une ordonnance ou citation à comparaitre délivrée par une juridiction compétente ;

3° pour des raisons de mise en exécution ou de poursuite d'un droit ou d'une demande ;

4° en conformité avec les dispositions de la loi de tout Etat qui lient la partie qui en fait la divulgation;

5° en conformité avec la requête ou l'exigence d'une institution de régulation ou autre autorité ou;

6° conformément à une injonction d'un tribunal sur demande d'une partie avec un avis approprié aux autres parties.

Muri iyi ngingo, ibibazo birebana n'ubukemurampaka bikubiyemo kuba hariho ubukemurampaka, iburanisha, ibimenyetso ndetse n'ibindi bikoreshwa mu mihango y' ubukemurampaka n'izindi nyandiko zose zitangwa n'urundi ruhande mu bukemurampaka, ariko ntiharimo ibindi bibazo bisanzwe bizwi na rubanda.

Inteko y'ubukemurampaka ifite ububasha bwo gufata ibyemezo bya ngombwa harimo n'icyemezo cyangwa umwanzuro w'ubukemurampaka ku bihano cyangwa gutanga ikiguzi cy'amafaranga, mu gihe uruhande rutubahirije ibiteganywa n'aya mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 49</u>: Gusubirana no gukuraho inyandikozakoreshejwe**

Uruhande rutanze inyandiko z'umwimerere rusaba gusubizwa bene izo nyandiko mu gihe kitarenze amezi icyenda (9) uhereye igihe ruherewe kopi y'umwanzuro w'ubukemurampaka ifitanye isano nazo. Nyuma y'uko icyo gihe kirangiye, Ikigo nticyaryozwa bene izo nyandiko izo arizo zose.

Kopi zose z'inyandiko zahawe Ikigo n'impande cyangwa n'abakemurampaka cyangwa izo Ikigo cyabahaye zishobora gusenywa nyuma y'amezi icyenda (9) uhereye igihe impande zagerejweho

In this Article, matters of proceedings means the existence of the proceedings and the pleadings, evidence and other materials in the arbitration proceedings and all other documents produced by another party in the proceedings, but excludes other matter that is otherwise in public domain.

The Arbitral tribunal has the power to take appropriate measures including an order or an award for sanctions or costs, if a party breaches the provisions of this rule.

**<u>Article 49</u>: Retrieval and Destruction of Documents**

The party that submits original documents shall request in writing the retrieval of such documents within nine (9) months from the date of communicating a copy of the award to it.
The Centre shall not be liable for any of such documents upon the lapse of the said period.

All copies of documents submitted by the parties or the arbitrators to the Centre and vice versa may be destroyed upon the lapse of nine (9) months from the date of communication of

Dans cet article, les questions relatives à la procédure incluent l'existence de la procédure d'arbitrage, de plaidoiries, de preuve et autres matériels dans la procédure d'arbitrage et autres documents produits par une autre partie dans la procédure, mais exclut toute autre question qui est autrement dans le domaine public.

Le Tribunal a la compétence de prendre des mesures appropriées y compris l'ordonnance ou une sentence pour sanctions ou frais d'amende si une partie viole les dispositions de cet article.

**<u>Article 49</u>: Récupération et destruction des documents**

Une partie qui soumet des documents originaux peut demander par écrit la récupération de ces documents dans les neuf (9) mois de la date de communication de la copie de la sentence arbitrale aux parties. Passé cette période, le Centre ne répond pas de ces documents.

Passé le délai de neuf (9) mois à partir de la date de communication de la copie de la sentence aux parties, toutes les copies des documents soumis au Centre par les parties ou les arbitres et vice-

kopi y'umwanzuro w'ubukemurampaka.

**Ingingo ya 50: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose zibanziriza iri teka kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Ingingo ya 51: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku itariki ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15/05/2012

**(sé)**

**KANIMBA François**
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

a copy of the award to the parties.

**Article 50: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 51: Commencement**

This Order shall enter into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 15/05/2012

**(sé)**

**KANIMBA François**
Minister of Trade and Industry

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

versa peuvent être détruites.

**Article 50: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 51: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 15/05/2012

**(sé)**

**KANIMBA François**
Ministre du Commerce et de l'Industrie

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

| UMUGEREKA WA MBERE W'ITEKA RYA MINISITIRI Nº16/012 RYO KUWA 15/05/2012 RISHYIRAHO AMABWIRIZA Y'UBUKEMURAMPAKA Y'IKIGO MPUZAMAHANGA CY'UBUKEMURAMPAKA CYA KIGALI | ANNEX I TO MINISTERIAL ORDER Nº16/012 OF 15/05/2012 DETERMINING ARBITRATION RULES OF KIGALI INTERNATIONAL ARBITRATION CENTER | ANNEXE I A L'ARRETE MINISTERIEL Nº16/012 DU 15/05/2012 DETERMINANT LES REGLEMENTS D'ARBITRAGE DU CENTRE INTERNATIONAL D'ARBITRAGE DE KIGALI |
|---|---|---|
| **AMAFARANGA YISHYURWA MU BIBAZO BIREBANA N'UBUKEMURAMPAKA** | **ARBITRATION COSTS** | **COUTS D'ARBITRAGE** |
| **Amafaranga yo kwandikisha ikirego (ntasubizwa) – 250 $USD** | **Case Filing Fees (Non – refundable) – 250** | **Frais de dépôt de la requête (non remboursables) - 250** |
| Amafaranga yo gutanga ikirego areba ibirego byose bisuzumwa n'Ikigo ndetse n'ikirego cyose cyangwa ikirego cyo kwiregura. | A filing fee is applicable to all cases administered by the Centre, and to each claim or counterclaim. | Les frais d'enregistrement sont applicables à toutes les requêtes gérées par le Centre, et à chaque requête ou demande reconventionnelle |

**Imbonerahamwe ya mbere : Amafaranga y'imirimo y'ubuyobozi**

| **Ibirego cyangwa ibirego byo kwiregura (US$)** | **Amafaranga y'imirimo y'ubuyobozi (US$)** |
|---|---|
| Kugeza ku 50 000 | 750 |
| Kuva ku 50 001 kugera ku 100 000 | 750 + 0.5% y'amafaranga ari hejuru ya 50 000 |
| Kuva ku 100 001 kugera ku 200 000 | 1000 + 0.5% y'amafaranga ari hejuru ya 100 000 |
| Kuva ku 200 001 kugera ku 500 000 | 1500 + 0.167% y'amafaranga ari hejuru ya 200 000 |
| Kuva ku 500 001 kugera ku 750 000 | 2000 + 0.8% y'amafaranga ari hejuru ya 500 000 |
| Kuva ku 750 001 kugera ku 1 000 000 | 4000 + 0.4% y'amafaranga ari hejuru ya 750 000 |
| Kuva ku 1 000 001 kugera ku 2 000 000 | 5000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 1 000 000 |
| | |

**Table (1)**
**Administrative expenses**

| **Claims or Counterclaims (US$)** | **Administration expenses (US$)** |
|---|---|
| Up to 50 000 | 750 |
| From 50 001 to 100 000 | 750 + 0.5% of the amount over 50 000 |
| From 100 001 to 200 000 | 1000 + 0.5% of the amount over 100 000 |
| From 200 001 to 500 000 | 1500 + 0.167% of the amount over 200 000 |
| From 500 001 to 750 000 | 2000 + 0.8% of the amount over 500 000 |
| From 750 001 to 1 000 000 | 4000 + 0.4% of the amount over 750 000 |
| From 1 000 001 to 2 000 000 | 5000 + 0.2% of the amount over 1 000 000 |

**Tableau 1**
**Frais Administratifs**

| **Requêtes ou Demande reconventionnelle (US$)** | **Frais Administratifs (US$)** |
|---|---|
| Jusqu'à 50 000 | 750 |
| De 50 001 à 100 000 | 750 + 0.5% du montant au-delà de50 000 |
| De 100 001 à 20 à 0 000 | 1000 + 0.5% du montant au-delà de100 000 |
| De 200 001 à 500 000 | 1500 + 0.167% du montant au-delà de200 000 |
| De 500 001 à 750 000 | 2000 + 0.8% du montant au-delà de500 000 |
| De 750 001 à 1 000 000 | 4000 + 0.4% du montant au-delà de750 000 |
| De 1 000 001 à 2 000 000 | 5000 + 0.2% du montant au-delà de1 000 000 |

| | |
|---|---|
| Kuva ku 2 000 001 kugera ku 3 000 000 | 7000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 2 000 000 |
| Kuva ku 3 000 001 kugera ku 4 000 000 | 9000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 3 000 000 |
| Kuva ku 4 000 001 kugera ku 5 000 000 | 11000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 4 000 000 |
| Kuva ku 5 000 001 kugera ku 6 000 000 | 13000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 5 000 000 |
| Kuva ku 6 000 001 kugera ku 7 000 000 | 15000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 6 000 000 |
| Kuva ku 7 000 001 kugera ku 8 000 000 | 17000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 7 000 000 |
| Kuva ku 8 000 001 kugera ku 9 000 000 | 19 000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 8 000 000 |
| Kuva ku 9 000 001 kugera ku 10 000 000 | 21 000 + 0.2% y'amafaranga ari hejuru ya 9 000 000 |
| Hejuru ya 10 000 000 | 23 000 |

| | |
|---|---|
| From 2 000 001 to 3 000 000 | 7000 + 0.2% of the amount over 2 000 000 |
| From 3 000 001 to 4 000 000 | 9000 + 0.2% of the amount over 3 000 000 |
| From 4 000 001 to 5 000 000 | 11000 + 0.2% of the amount over 4 000 000 |
| From 5 000 001 to 6 000 000 | 13000 + 0.2% of the amount over 5 000 000 |
| From 6 000 001 to 7 000 000 | 15000 + 0.2% of the amount over 6 000 000 |
| From 7 000 001 to 8 000 000 | 17000 + 0.2% of the amount over 7 000 000 |
| From 8 000 001 to 9 000 000 | 19 000 + 0.2% of the amount over 8 000 000 |
| From 9 000 001 to 10 000 000 | 21 000 + 0.2% of the amount over 9 000 000 |
| Over 10 000 000 | 23 000 |

| | |
|---|---|
| De 2 000 001 à 3 000 000 | 7000 + 0.2% du montant au-delà de2 000 000 |
| De 3 000 001 à 4 000 000 | 9000 + 0.2% du montant au-delà de3 000 000 |
| De 4 000 001 à 5 000 000 | 11000 + 0.2% du montant au-delà de4 000 000 |
| De 5 000 001 à 6 000 000 | 13000 + 0.2% du montant au-delà de5 000 000 |
| De 6 000 001 à 7 000 000 | 15000 + 0.2% du montant au delà de6 000 000 |
| De 7 000 001 à 8 000 000 | 17000 + 0.2% du montant au delà de7 000 000 |
| De8 000 001 à 9 000 000 | 19 000 + 0.2% du montant au delà de8 000 000 |
| De 9 000 001 à 10 000 000 | 21 000 + 0.2% du montant au delà de9 000 000 |
| Au-delà de 10 000 000 | 23 000 |

**Imbonerahamwe ya 2: Amafaranga y'umukemurampaka mu bibazo bitarengeje miliyoni eshatu**

| **Amafaranga aburanwa mu madolari(US$)** | **Igihembo cy'umukemurampaka mu madolari (US$)** |
|---|---|
| Kugera ku 50 000 | 1 000 |
| Kuva ku 50 001 kugera ku 100 000 | 1 500 |
| Kuva ku 100 001 kugera ku 200 000 | 2 000 |
| Kuva ku 200 001 kugera ku 500 000 | 4 000 |
| Kuva ku 500 001 kugera ku 750 000 | 6 000 |
| Kuva ku 750 001 kugera ku 1 000 000 | 8 000 |
| Kuva ku 1 000 001 kugera ku 1 500 000 | 10 000 |

**Table(2)**
**Arbitrator's fees for sums in dispute not exceeding three million US$**

| **Sum in Dispute in U.S. Dollars(US$)** | **Fees of the Arbitrator in U.S. Dollars(US$)** |
|---|---|
| Up to 50 000 | 1 000 |
| From 50 001 to 100 000 | 1 500 |
| From 100 001 to 200 000 | 2 000 |
| From 200 001 to 500 000 | 4 000 |
| From 500 001 to 750 000 | 6 000 |
| From 750 001 to 1 000 000 | 8 000 |
| From 1 000 001 to 1 500 000 | 10 000 |

**Tableau (2)**
**Les frais d'Arbitre pour les montants en litige n'excédant pas trois millions de dollars américain**

| **Somme en litige en Dollars(US$)** | **Frais d'arbitre en U.S Dollars(US$)** |
|---|---|
| Jusqu'à50 000 | 1 000 |
| De 50 001 à 100 000 | 1 500 |
| De 100 001 à 200 000 | 2 000 |
| De 200 001 à 500 000 | 4 000 |
| De 500 001 à 750 000 | 6 000 |
| De 750 001 à 1 000 000 | 8 000 |
| De 1 000 001 à 1 500 000 | 10 000 |

| | |
|---|---|
| Kuva ku 1 500 001 kugera ku 2 000 000 | 12 000 |
| Kuva ku 2 000 000 kugera ku 2 500 000 | 14 000 |
| Kuva ku 2 500 000 kugera ku 3 000 000 | 16 000 |

| | |
|---|---|
| From 1 500 001 to 2 000 000 | 12 000 |
| From 2 000 000 to 2 500 000 | 14 000 |
| From 2 500 000 to 3 000 000 | 16 000 |

| | |
|---|---|
| De 1 500 001 à 2 000 000 | 12 000 |
| De 2 000 000 à 2 500 000 | 14 000 |
| De 2 500 000 à 3 000 000 | 16 000 |

**Imbonerahamwe ya 3**
**Amafaranga y'igihembo cy'umukemurampaka mu birego birengeje miliyoni eshatu z'amadolari y'amanyamerika**

| **Amafaranga y'ikiburanwa mu madolari** | **Igihembo cyo hasi ntarengwa cy'umukemurampaka mu madolari** | **Igihembo cyo hejuru ntarengwa cy'umukemurampaka mu madolari** |
|---|---|---|
| Kuva ku 3 000 001 kugera ku 5 000 000 | 17 615 + 0.263% y'amafaranga ari hejuru ya 3 000 000 | 80 627+0.975% y'amafaranga ari hejuru ya 3 000 000 |
| Kuva ku 5 000 001 kugera ku 10 000 000 | 22 875 + 0.090% y'amafaranga ari hejuru ya 5 000 000 | 100 127+ 0.638% y'amafaranga ari hejuru ya 5 000 000 |
| Hejuru ya 10 000 000 | 27 375 + 0.0075 % y'amafaranga ari hejuru ya 10 000 000 | 132 027+ 0.042% y'amafaranga ari hejuru ya 10 000 000 |

**Table (3)**
**Arbitrator's Fee for Sums in Disputes exceeding US$ three million**

| **Sum in Dispute in US Dollars** | **Minimum fee of the Arbitrator in US Dollars** | **Maximum fees of the Arbitrator in US Dollars** |
|---|---|---|
| From 3 000 001 to 5 000 000 | 17 615 + 0.263% of the amount over 3 000 000 | 80 627+0.975% of the amount over 3 000 000 |
| From 5 000 001 to 10 000 000 | 22 875 + 0.090% of the amount over 5 000 000 | 100 127+ 0.638% of the amount over 5 000 000 |
| Over 10 000 000 | 27 375 + 0.0075 % of the amount over 10 000 000 | 132 027+ 0.042% of the amount over 10 000 000 |

**Tableau (3)**
**Les frais d'arbitre pour les sommes en litige excédant trois millions de dollars américains**

| **Somme du litige en USD** | **Frais Minimum d'arbitre en Dollars US** | **Frais Maximum d'Arbitre en Dollars US** |
|---|---|---|
| De 3 000 001 to 5 000 000 | 17 615 + 0.263% du montant au delà de 3 000 000 | 80 627+0.975% du montant au delà de 3 000 000 |
| De 5 000 001 to 10 000 000 | 22 875 + 0.090% du montant au delà de 5 000 000 | 100 127+ 0.638% du montant au delà de 5 000 000 |
| Au-delà de 10 000 000 | 27 375 + 0.0075 % du montant au delà de 10 000 000 | 132 027+ 0.042% du montant au delà de 10 000 000 |

| | | |
|---|---|---|
| **Bibonywe ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri nº16/012 ryo kuwa 15/05/2012 rishyiraho amabwiriza y'ubukemurampaka y'Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali** | **Seen to be annexed to Ministerial Order nº16/012 of 15/05/2012 determining Arbitration Rules of Kigali International Arbitration Centre** | **Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel nº16/012 du 15/05/2012 déterminant les Règlements d'Arbitrage du Centre International d'Arbitrage de Kigali** |
| Kigali, kuwa **15/05/2012** | Kigali, on **15/05/2012** | Kigali, le **15/05/2012** |
| **(sé)**<br>**KANIMBA François**<br>Minisitiri w'Inganda n'Ubucuruzi | **(sé)**<br>**KANIMBA Francois**<br>Minister of Trade and Industry | **(sé)**<br>**KANIMBA François**<br>Ministre du Commerce et de l'Industrie |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:** | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** | **Vu et scellé du Sceau de la République :** |
| **(sé)** | **(sé)** | **(sé)** |
| **KARUGARAMA Tharcisse**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **KARUGARAMA Tharcisse**<br>Minister of Justice /Attorney General | **KARUGARAMA Tharcisse**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

**MUGEREKA WA II W'ITEKA RYA MINISITIRI Nº16/012 RYO KU WA 15/05/2012 RISHYIRAHO AMABWIRIZA Y'UBUKEMURAMPAKA Y'IKIGO MPUZAMAHANGA CY'UBUKEMURAMPAKA CYA KIGALI**

**AMABWIRIZA AGENGA UMUKEMURAMPAKA WIHUTIRWA**

**Ingingo ya mbere: Gusaba umukemurampaka wihutirwa**

Uruhande rushaka gukoresha umukemurampaka wihutirwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 34 y'Amabwiriza y'ubukemurampaka akoreshwa mu kigo rugomba gushyikiriza Ubunyamabanga iryo saba ry'ibyemezo byihutirwa ("isaba").

Isaba rigomba kuba rikubiyemo amakuru akurikira:

1° Amazina yose, aderesi n'ibindi biranga buri ruhande;

2° Amazina yose, aderesi ndetse n'ibindi biranga umuntu cyangwa abantu bahagarariye usaba;

**ANNEX II TO MINISTERIAL ORDER Nº16/012 OF 15/05/2012 DETERMINING ARBITRATION RULES OF KIGALI INTERNATIONAL ARBITRATION CENTER**

**EMERGENCY ARBITRATOR RULES**

**Article One: Application for an Emergency Arbitrator**

A party wishing to have recourse to an emergency arbitrator pursuant to Article 34 of the Rules of Arbitration of the Centre shall submit its Application for Emergency Measures (the "Application") to the Secretariat.

The Application shall contain the following information:

1° The name in full, address and other contact details of each of the parties;

2° The name in full, address and other contact details of any person(s) representing the applicant;

**ANNEXE II A L'ARRETE MINISTERIEL Nº16/012 DU 15/05/2012 DETERMINANT LES REGLEMENTS D'ARBITRAGE DU CENTRE INTERNATIONAL D'ARBITRAGE DE KIGALI**

**REGLES RELATIVES A L'ARBITRE D'URGENCE**

**Article premier : Demande pour un arbitre d'urgence**

Une partie désirant avoir recours à un arbitre d'urgence conformément à l'article 34 des Règlements d'arbitrage du Centre adresse sa requête aux fins de mesure d'urgence (La requête) au Secrétariat.

La requête contient des éléments suivants :

1° les noms et dénominations complètes, adresse et autres coordonnées de chacune des parties;

2° les noms et dénominations complètes, adresse et autres coordonnées de toute(s) personne(s) représentant le requérant ;

3° Ibisobanuro ku bintu byatumye iryo saba ribaho ndetse no mpaka zigomba gukizwa n'ubukemurampaka;

4° Inyandiko isobanura icyemezo cyihutirwa gisabwa;

5° Impamvu zituma usaba akeneye icyemezo cyihutirwa cyangwa ibyemezo by'agateganyo bidashobora gutegereza ishyirwaho ry'inteko y'abakemurampaka;

6° Amasezerano ajyane n'iryo saba, cyane cyane amasezerano y'ubukemurampaka;

7° Amasezerano yaba ariho yerekeranye n'ahantu habera ubukemurampaka, amategeko agomba gukurikizwa cyangwa ururimi rugomba gukoreshwa mu bukemurampaka;

8° Ikimenyetso ko amafaranga avugwa mu ngingo ya 7 (1) y'uyu mugereka yishyuwe ndetse n'irindi saba ryose ry'ubukemurampaka hamwe n'indi myanzuro bifitanye isano n'impaka byashyikirijwe Ubunyamabanga n'uruhande urwo arirwo rwose ruri mu muhango y' umukemurampaka

3° A description of the circumstances giving rise to the Application and of the underlying dispute referred or to be referred to arbitration;

4° A statement of the Emergency Measures sought;

5° The reasons why the applicant needs urgent interim or conservatory measures that cannot await the constitution of an arbitral tribunal;

6° Any relevant agreements and, in particular, the arbitration agreement;

7° Any agreement as to the place of the arbitration, the applicable rules of law or the language of the arbitration;

8° Proof of payment of the amount referred to in Article 7(1) of this Annex; and any Request for Arbitration and any other submissions in connection with the underlying dispute, which have been filed with the Secretariat by any of the parties

3° Un exposé des circonstances à l'origine de la requête et du litige sous-jacent qui est ou sera soumis a l'arbitrage ;

4° Un exposé des mesures d'urgence sollicitées ;

5° Les motifs pour lesquels le requérant sollicite des mesures provisoires ou conservatoires urgentes qui ne peuvent attendre la constitution d'un tribunal arbitral,

6° Toutes conventions pertinentes et, notamment, la convention d'arbitrage,

7° Toute convention relative au droit applicable ou à la langue et au lieu de l'arbitrage,

8° Une preuve du paiement du montant précisé à l'article 7, paragraphe 1, de la présente Annexe; et toute Demande d'arbitrage et toutes autres communications écrites concernant le litige sous-jacent qui ont été soumises au Secrétariat par une partie à la procédure de l'arbitre d'urgence avant

wihutirwa, mbere y'uko umukemurampaka wihutirwa asabwa.

